# Imibabaro Yo Kuramukwa

Phoenix, Arizona, USA
24 Nzero 1965

1 Twunamike imitwe.

Manadukunda, turagushimira cane uyu munsi, kuba Ubwiza Bwawe bugwiriye cyane hano,bukaba buri hagati muri twe. Dutegereje ko ubu Bwiza buducuncumukiraho mu buryobutagira akagero, kuri iki gicamunsi. Tugushimiye iyi ndirimbo nziza y'iyintwari y'umukristokazi, umaze kuririmba iyi ndirimbo; no ku bwa Mwuka Wawe, wamanutse, no ku bw'ibisobanurobyabyo. Mwami, bibe bityo, ni ko tugusabye. Kandi, yoo Mana, ngusabye guha buriwese muri twe umugisha, kandi imitima yacu yuzure umunezero, ubwo turi bubetubona ibi bisohora. Mana dukunda, tugusabye muri iki gicamunsi, niba hano hariabatiteguye kugusanganira, aya ababere amahirwe yo gufata icyemezo cya nyuma,yo kwinjira muri Wowe binyuze mu kuvuka bundi bushya. Bidukorere.

Duhe umugisha twese, Mwami, twebwe abari mu nzira uhereye kera. Tugusabye kutwigishaibintu bishya, binyuze mu Ijambo Ryawe. Duhe gusobanukirwa biruseho, binyuze muMwuka Wawe, Mwami. Ni Aze adusobanurire Ijambo. Umusobanuzi rukumbi dufite, naMwuka. Dusabye ngo Abidukorere none. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

[ Mushiki wacu umwe atanguye kuvugishwa. Agace katavuga kuri bande—Umw. ]

2 .Ivyo biraduhagije. Mbega ibihe! Nta hantu nzi umuntuyaba haruta aha, keretse mu Ijuru, kuko ari ugusigwa kw'Ibyo twumva ubu,murabona, twicaranye mu birere byo mu Ijuru, muri Yesu Kristo, duteraniye hamwemu birere byo mu Ijuru.

Imanaihe umugisha mushiki wacu Florence! Anyuze mu bihe bikomeye kandiby'icuraburindi;se yongeye kurwara. None nda-ndasaba ngo Imana ihe umugisha uwo mwana.

Kandimwene Data Demos yikoreye umutwaro ku bitugu bye, n'umutwaro w'ibyo biteranebyose n'ibindi. Na we, akeneye amasengesho yacu. Imana ihe mwene Data Shakarianumugisha!

MweneData Carl Williams, nejejwe by'ukuri no kuba hano, muri iki giterane, hamwe namwe, hagati y'aba bene Data b'intwari bose. Kandi nagize amahirwe yo kugira abompura na bo muri bo. Kandi noneho, uko mbizi, iki ni cyo kigiye kumbera igicecya nyuma cy'amateraniro; rero, ubu, mu by'ukuri, ndatekereza gukora mu ntokibamwe muri aba bagabo b'intwari, no kumenyana na bo, kuko, niteguriye kuzabanana bo mu Iteka, mu Gihugu gihebuje ibindi ubwiza.

3 .Ikintu - ikintu kimwe gusa, niringiye ko ntaribwumvikane nabi. Kandi ntibyari kuri tombola, si ko mbitekereza, kuko ntekerezako byari bivuye ku Mana, kuba ejo, iyi ncuti yarampaye impano yari iturutsekuri imwe mu ncuti zanjye, Danny Henry. Uyu yari wa musore… Igihe kimwe, mugiterane cy'Abikorera b'Abakristo, muri California, nari - nari mpafiteamateraniro. Nari nkarishye cyane ndwanya igihagararo cya none. Kandi mfata kobose batekereza ko hari ikitagenda mu mutima wanjye. Si ibyo. Musobanukiwemudashidikanya ko atari icyo nari ngendereye. Ah'ubwo ngomba gusa kuvuga icyompumekewe.

Rero,nyuma y'ibyo, uwo musore, mwene Data w'umubatisite… Kandi ntekereza ko afiteumuvandimwe ubarizwa mu byamamare bya senema. Kandi yaraje anzengurutsaukuboko, ambwira ati: “Imana iguhe umugisha, Mwene Data Branham. Nashakaga gusakuvuga ijambo ry'isengesho.” Maze atangira kuvuga igifaransa. Kandi uwo musorenta n'ijambo na rimwe ry'igifaransa azi. Hanyuma umuntu umwe arahaguruka,umugore w'igisore uturuka… ntekereza ko yaturukaga muri Louisiane. Avugaati: “Ni igifaransa.” Kandi, hari umuntu, wavuze ati: “Ni igifaransa.” Hanyumabandi ibyo ari byo. Mfite umwimerere w'iyo nyandiko hano. Kandi, umusore warihariya inyuma yaje imbere, yashakaga kureba ibyo bari banditse. We, yariumusobanuzi w'igifaransa, mu Muryango w'Abibumbye; cari igifaransa nyaco.

4 .Kandinashakaga gusoma urwo rwandiko. Ni urwandiko rw'umwimerere rw'umwe muri bo,urw'uwo mugabo wari wasobanuye, - sinashobora wenda gusoma neza izina rye, -Leduc, Victor Leduc, ni umufaransa nyawe. Noneho ngubu ubutumwa:

Nk'uko wihitiyemoinzira ifunganye, inzira irushijeho kuruhanya; ukayinyuramo ku bwende. Wafasheicyemezo kiboneye kandi nyacyo, kandi ni yo Nzira Yanjye. Ku bw'icyo cyemezocy'ingenzi, umugabane ukomeye wo mu Ijuru uragutegereje. Mbega ngo urahitamoneza! Icyo kintu ubwacyo ni cyo kizatanga kandi kigasohoza intsinzi itagira ukoisa mu Rukundo rw'Imana.

Ubwo nabonaga ibyo… Murabizi, ubwonumvaga bwa mbere abantu bavuga mu ndimi, nta - nta cyo nari naneguye,murabona, kuko ibyo byari byangaragariye nk'iby'ukuri. Nyamara, nakomezagakwibaza ibibazo byinshi. Ariko ubwo ibyo byasohoraga, kandi nkamenya inshinganoyagendanaga na byo, na - namenye ko ibyo byari biturutse ku Mana.

5 .Hanyuma,umuvandimwe we, wicaye hano, umu - umunyamategeko w'ikirangirire cyane,yanshyikirije impano iturutse kwa Danny. Danny ni bwo akigaruka aturutse kuButaka Bwejwe. Yirambitse ku mva,

cyangwa ah'ubwo mu mva aho Yesu yari yahambweAmaze gutanga, kandi, icyo gihe, yavuze ko yatangiye kuntekerezaho. Hanyuma -hanyuma Mwuka w'Uwiteka amuzaho; maze azamuka i Kaluvari, aho Umwami wacuyababambiwe, hanyuma amanyura agasate k'igitare. Kandi yaragarutse, maze abimpahoibipesu bibiri byo gufungisha amaboko y'ishati. Kandi ni iby'agaciro kuri njye.Kandi noneho, ibi, nta gushidikanya, ko Danny ari nta byo azi. Ariko, muri ikigitondo, ubwo nari ndi mu masengesho, nubitse amaso gusa kuri ibyo bipesuby'amaboko y'ishati; kandi buri cyose muri byo, niba mubibona, kiriho amaraso,kandi, hari umurongo ugororotse ucyambukiranya. Kandi hano, mu butumwa atangabuvuye ku Mana ku nzira nto kandi ifunganye, mbega ngo birabonera neza!Natekereje wenda ko byari, bivuye ku Mana, cyangwa… kandi ndashimira rwoseDanny. Mubwire, mwene Data, ko - mbishima rwose.

Ikindi kidasanzwe:nabajije umugore wanjye, muri kiriya gitondo… nambaye ishati yagenewe byabipesu bomekaho, maze avuga ati: “Nibagiwe kuzana bya bipesu bomekaho byawe”,rero, Uwiteka yamboneye ibindi.

6 Yoo!Ni ubuzima bwiza, si byo, bene Data? Ukugendera gusa mu kwiyoroshya kw'U -kw'Ubutumwa Bwiza kandi hagati aho, no kwiyoroshya Kwabwo, ni cyo kintugikomeye nashoboye kumenya. Nzi ko ari nta gihari - cy'ibyo. Kandi, nk'uko ibyobyorohejwe, kugira ngo mbone uburyo bwo kugira icyo mbikoraho, murabona, hano,ku bw'ubuntu bw'Imana…

7 .Noneho,muri iki gicamunsi, sinashakaga kubatwara igihe kirekire, kuko nzi ko, uyumugoroba, muri bjye mu nsengero zanyu. Ntekereza ko mwese, abashyitsi, murihano, mwakagombye kureba ku gicaniro, mukareba aba bagaragu b'Imana, kandi bosebari… bari bunezezwe no kubagira iwabo, mu materaniro y'uyu mugoroba. Baribubagirire neza. Nta gushidikanya ko muri iki gitondo mwagiye mu ishuriry'icyumweru mu mujyi. Kandi muri ibyo biterane, nk'uko ari Abikorerab'Ubutumwa Bwuzuye, ntekereza ko twakagombye gushyigikira byimazeyo insengerozacu, kuko ari ho abikorera bacu bajya. Kandi, ni inzu y'Imana, rero niringiyeko muri bujye mu rusengero muri uyu mugoroba.

Ejo nimugoroba,ndakeka, ni bwo igiterane kizaba gihumuje, kandi ntekereza ko batangaje uwoumubwiriza azaba ari we. Mu by'ukuri, ngomba kuzaba ndi hano, niba ari ubushakebw'Imana, ngo nzumve Ubutumwa Bwayo. Imana ihe umugisha buri wese muri mwe.

8 .Mu by'ukuri, sinteganyakuba umubwirizabutumwa. Ah'ubwo - ah'ubwo ndi… nta mashuri ahagije ngirayangira umubwirizabutumwa. Umubwirizabutumwa, iyo uvuze ibyo, bagutegerezahokuba ufite impamyabumenyi nk'ebyiri cyangwa eshatu za kaminuza. Na ho - na ho njye, nta kindi mfite usibye kagahumetso gato gusa. Murabona? Ngerageza gutabara gusa intama zirwaye, iyombishoboye, ngo nzigarure mu rwuri rwa Data.

Niba nkoze amakosa,mujye mumbabarira. Sindi umunyatewolojiya. Sinegura abanyatewolojiya. Tewolo-…tewolojiya, si mbi. Turayikeneye. Ariko rimwe na rimwe, hari ubwo neguraigihagararo twisangamo. Ibi ntibireba umuntu gatozi runaka. Ni Ubutumwa gusa.Na - nakwifuje kutaba ari njye ubutanga. Buransenya; mu by'ukuri, muzi icyomwashobora kumva.

Bimeze bite iby'abanabanyu? Murebe, ntimwaba mwanga ko bibabera ngombwa gutonganya umwana,mukamucyaha mwihanukiriye, cyangwa ikintu kimwe nk'icyo? Na njye ndi umubyeyi,hari icyo mbiziho. Kandi niringiye ko muri bumbabarire.

9 .Kandi nashakaga ko mugenza mutya. Mu gihe mwicayehano, muri iki gicamunsi, ngiye kugira icyo mbasaba. Hari inzandiko ntoya ngufimfite. Nk'uko nabibabwiye, bimbereye ngombwa kwi - kwandika Ibyanditswebyanjye. Kera, nashoboraga kuvuga Bibiliya hafi ya yose mu mutwe, ariko si kobikimeze. Nakabije kurwana intambara zikomeye, maze gusaza byo kuba ntakibashakuzirwana nka mbere. Ariko niringiye ko - ko mugiye kuntega amatwi akanya gato,muri iki gicamunsi, maze mugakingura imitima by'ukuri, kugira ngo mugeragezegusobanukirwa intego nkurikiye. Rero, ntekereza ko byarushaho kuba ingenzi,by'umwihariko ku bashumba bo muri uyu murwa n'ab'ahantu hatandukanye, ni -niringiye ko mugiye gutega amatwi mutuje cyane.

Kandimukore ibyo, kandi mu kubikora, mubikore nka njye, iyo ndya umugati wanjyenkunda, umugati urimo imbuto za serize; imwe mu nyama nkunda, ni inkoko. Bityo iyo ndyaumugati urimo serize, maze nkagwa ku buhwa, sindeka kurya umugati. Ncira gusaubuhwa, nkikomereza kurya umugati wanjye. Iyo nguye ku igufwa ry'inkoko,sincira inkoko. Ncira gusa igufwa. Rero, niba hari icyo mvuze tutabashakumvikanaho, jugunya icyo gice cyonyine. Hanyuma… Ariko ugisuzume witonzecyane, uhamirizwe neza ko ari igufwa. Hanyuma, munyemerere kandi kuvuga ibi:niba ari ubuhwa, mwibuke, ni byo bibyara ubugingo bushya. Rero, musuzume ibyomwitonze, hanyuma Uwiteka aange umugisha We.

10 .Uriya mugoroba, mwene Data Carl Williams hari cyoyavuze ku birebana no gusengera abarwayi mu mudendezo wose, byaba ari ibintubyiza cyane. Nzi ko cyaba ari ikintu cyiza cyane. Ariko iyo aba gusa twari…hano, nta bwo tubyiteguriye neza, ngo dukore umurongo w'abasengerwa. Kandisinzi niba Mwene Data Oral, cyangwa niba hari umwe mu bandi bene Data wabayarashyizeho imirongo y'abasengerwa mu biterane. Nta byo nzi. Narabigerageje,incuro ebyiri cyangwa eshatu. Ah'ubwo, mu bisanzwe, mu bantu

benshi nk'aba,hakwiye gutangwa amakarita y'abasengerwa, murabona, kugira ngo bikorwe. Mu by'ukuri,nta washobora… Hano, si mu nzu y'imyitozo ngororamubiri. Ni inzu y'Imana.Murabona? Ni cyo yeguriwe. Kandi twe… Abantu barabyigana. Niba bafiteamakarita, turabatondesha neza, muri gahunda.

Rero,Billy yambajije, avuga ati: "Birakwiye kujya hariya gutanga amakarita? Abantubaransaba amakarita y'abasengerwa."

Mvuganti: "Oya, Billy. Tureke gusa Mwuka Wera yikorere icyo ashaka." Murabona,Murabona? Akuze wenda ukwizera, kugira ngo ukirire aho uri byonyine. Murabona?

Ariko…Murabona? Ugukira indwara kwa kimana ni ikintu gifata umwanya wa kabiri, muButumwa Bwiza. Kandi nta bwo waha umwanya wa mbere igifite uwa kabiri. Nta weutabizi. Ariko ni nk'umutego rukuruzi wo gutera abantu kwizera ko Ubwizabudasanzwe bw'Imana buri aho, bakizera ko Idasanzwe iri aho. Rero, ku bw'ibyo,iyo babashije kumenya ko Iri aho, icyo gihe barakira, murabona, binyuze mukwizera, mu kuyizera.

11 .Noneho, nashakaga gusoma umurongo mu Ijambo ry'Imana,mu Isezerano Rishya. Kandi rero, ndashaka gukura imirongo muri iri SezeranoRishya, kandi muri iyi mirongo y'Ibyanditswe, maze nkavuga muri iki gicamunsiku mutwe w'ikibwiriza, mu kanya gato gusa. Kandi sinashakaga kubaherana igihekirekire, kubera ibiterane by'uyu mugoroba. Ariko, mwibuke, niringiye kubanisobanuye neza. Mubitege amatwi gusa akanya gato, niba mubishaka.

Noneho,mbere yo kubikora, twongere twubike imitwe. Murabizi, dushobora kuririmbabikabije. Dushobora gusakuza bikabije, kugeza ubwo dusarara. Kandi dushoborakuririmba mu gihe kidakwiriye, cyangwa tugasakuza mu gihe kidakwiriye. Arikodore ikintu tutazashobora kuba hanze… iyo dusenga. "Ndashaka ko abagabobasengera ahantu hose, bazamura ibiganza byera, badashidikanya, batana…"

12 .Data, amahirwe y'ikirenga umuntu yigeze kubona, ni ayoguhombeka amaso, agakingura umutima we, hanyuma akakuvugisha. Kandi tuzi koUduteze amatwi;kazima tuba tuzi ko Uteze amatwi. Mu by'ukuri, Yesu yavuze ati: "Icyo muzasabaData cyose mu Izina Ryanjye, muzagihabwa." Icyo dusabwa ni ukutabishidikanyagusa. Rero, Dawe, dufashe tugire ukwizera, muri iki gicamunsi, ko ibyifuzobyacu biri busubizwe. Kandi he kugira na hamwe haba agacucu na gato kogushidikanya. Ah'ubwo ibi bintu dusabye bisohore.

Niukugira ngo, yoo Mana, Izina Ryawe rikomeye ryubahwe none, twinjiza mu BwamiBwawe buri bugingo burimbuka kandi bwazimiye buteze amatwi ijwi ryacu, cyangwabuzashyikirwa n'iyi bande, mu duce twa gipagani, aho azajya, mu isi hose.

Nsabye,Dawe uri mu Ijuru, ngo he kugira umunyantege nke uba n'umwe muri twe. Ubwoamateraniro ari bube ahumuje, Uwiteka Imana aha agakiza buri bugingobwarimbukaga, Akize buri mubiri urwaye, kandi Yuzuze umunezero imitima y'abanaBe. Ni yo mpamvu dufite ukwizera, Mwami, mu gusaba mu Izina rya Yesu, ImanaData wa twese (mu by'ukuri, Yasezeranye ko Yajyaga gutega amatwi), kandi ibi,bikaba ku bw'ikuzo Rye. Amen.

13 .Ni mu Butumwa Bwiza bwa Yohana Wera, mu gice cya 17,uhereye ku murongo wa 20, nifuzaga gusoma imirongo. Ntekereza ko ari ibyorwose.

Si bo gusa nsabira, ah'ubwo ndanasabira abazanyizezwan'ijambo ryabo, kugira ngo…

Ntekerezako ah'ubwo nafashe indi mirongo. Rero, mumbabarire akanya gato. Ndashakishaisengesho rya Yesu... Cyangwa ah'ubwo, atari isengesho rya Yesu, ah'ubwo…Wasanga nibeshye ubwo nandikaga ibi hano, mu mirongo yanjye. Aho Yesu yasabyeko… cyangwa ah'ubwo Yavuze ko - "nk'umugore witegurira kubyara umwana we" -ukuvuka, ukuvuka k'umwana. Mbese haba ari muri Luka, muri Yohana cyangwa muriYakobo ibyo biri? Yohana 16 ["Ku murongo wa 21."] Umurongo wa 21 Ntagushidikanya, ku murongo wa 21. Ni ho turi. Yohana, Yohana Wejejwe 16:21 Kugirango bose babe…

14 .Oya, Mwene Data Jack, ntituragera ku mirongoy'umwimerere. Ni makumyabiri na… 16:21. Mfite igice cya 16 cya Yohana Wejejwe,ku murongo wa 21 ariko ibyo… Ese naba nibeshya? Mu by'ukuri, harimo akavuyo -ikibura - uruvange muri iyi Bibiliya. Nta kabuza. Bayicapye nabi. Ntagushidikanya. Mwaba muzi ibyo ari byo? Ni ukuri kudashidikanywa. Ni Bibiliyanshya. Ni bwo nkimara kuyihabwa. Kandi ifite - ifite… Icapwe nabi. [Umupadirigatolika uri ku gicaniro, reverandi Yohana S. Stanley, aza imbere ngo aherezeMwene Data Branham Bibiliya ye, maze avuga ati: "Fata - fata akanya koguhumeka. Bifite impamvu yabiteye, kandi murayizi. Hari icyo Imana igiyekubereka gifitanye isano n'ibi, ikintu gitangaje." - U.I.] Nibyiza cyane. Urakoze. Urakoze cyane. 16:21 Urakoze cyane. Ni ukuri.

Umugore,iyo a…

Ni ukuri, ni ukuri, ndabibabwiye, muzasinzira -muzarira kandi muzicwa n'amaganya, na ho ab'isi bazishima; muzaba mu kababaro…umubabaro wanyu uzahinduka umunezero.

Umugore, iyo agiye kubyara, agira umubabaro, kukoigihe cye kigeze; ariko, iyo abyaye, ntaba acyibuka… imibabaro - imibabaro,kubera umunezero aterwa n'uko hari umuntu uvukiye mu isi.

Urakozecyane, mwene Data. Ndabishima, cyane. [Mwene Data Branham asubiza Bibiliya wamupadiri gatolika. - U.I.]. Nyamara, nta gushidikanya ko ari ikosa ry'imicapiremuri iyi Bibiliya;urupapuro barushyizemo nabi. Nari nabonye neza iyo mirongo muri Bibiliya yanjyeScofield ishaje, hanyuma nzana iyi kandi nza nihuta, hashize akanya gato gusa; mu by'ukuri, ni umugore wanjye wayimpayeho impano yaNoheli.

15 .Noneho, nashakaga kuvuga, muri iki gicamunsi, ku mutwew'ikibwiriza navuzeho: Ibise byo kuramukwa. Mu by'ukuri, bivugitse nabi cyane,ibi, ariko biri muri Bibiliya. Ntekereza ko Yesu yabivugagaho hano, ubwoYavugaga ati: "Muzagira umubabaro, ariko umubabaro wanyu uzahinduka umunezero",Yabwiraga abigishwa Be, Azi ko Ubukristo bwari - bwari buvutse.

Rero,birakwiye ko ibya kera bipfa kugira ngo ibishya bivuke. Kugira ngo habeho…Ikijya kubyara cyose kigomba kunyura mu mibabaro y'imihangayiko. Kandi baribagiye kumva imibabaro y'imihangayiko, bava mu butware bw'amategeko bajya mubw'ubuntu.

Ukuvukagusanzwe ko mu isi ni ishusho yo kuvuka ko mu buryo bw'umwuka. Ibyo tubona muisi byose ni ishusho y'iby'umwuka. Kandi tubona, ko iyo tureba hano ku - isi,maze tukabona igiti kimera ku isi, kirwana ngo kibeho. Bigaragaza ko hari ahariigiti kidapfa ahantu hamwe, mu by'ukuri, kiriya hari icyo gisaba. Tubona koabantu, uko imyaka yabo yaba ingana kose, uko baba barwaye kose, uko bababameze kose, basaba ubugingo bataka cyane; mu by'ukuri, bigaragaza ko ahantu hamwe hariubugingo. Aho tubaho, tubaho by'iteka. Mwitegereze uburyo bitunganye!

16 .Noneho, muri 1Yohana 5:7 (Ntekereza ko ari ibyo nibantibeshya), handitswe ngo: "Hari ibihamya bitatu mu Ijuru: Data, Ijambo naMwuka Wera;ibyo bitatu ni Kimwe. Hari ibihamya bitatu ku isi, ni amazi, Amaraso na Mwuka,kandi birahuza." Noneho, mwitegereze. Ibitatu bya mbere ni Kimwe. Ibitatu byambere ni ibyo ku isi, kandi birahuza. Ntushobora kugira Se udafite Umwana; ntushobora kugira Umwana udafite Mwuka Wera. Arikoushobora kugira amazi udafite Amaraso, ndetse n'Amaraso udafite Mwuka.

Ntekerezako uko ibihe byagiye biha ibindi, ibyo byagaragaye ko ari ukuri; amazi, Amaraso, Mwuka; ugutsindishirizwa, ukwezwa, umubatizo wa Mwuka Wera.Ibyo, ni ishusho, cyangwa ni… cyangwa ni icy'ukuri cyashushanywaga, kivuye muivuka risanzwe. Murebe, iyo u - umugore, cyangwa ikindi cyose kigize ibise byokuramukwa, ikintu cya mbere kiboneka, ni isohoka ry'amazi (mu ivuka risanzwe); icya kabiri, ni amaraso; hanyuma hakaza ubuzima. Amazi, amaraso, umwuka; kandi ni byo bigize ivuka risanzwe ryo mu isi.

17 .Kandi ni kimwe no mu rwego rw'umwuka. Hari amazi:ugutsindishirizwa binyuze mu kwizera, mu kwizera Imana, mu kuyakira nk'Umukizawawe bwite, no mu kubatizwa. Icya kabiri, hari ukwezwa k'umwuka, mu gihe Imanayeza umwuka iby'isi byose n'inyota y'isi. Hanyuma, Mwuka Wera arinjira, Agahaumuntu ukuvuka ubwa kabiri maze Akuzura urwo rwabya rwejejwe.

Nink'ibi urugero. Mu by'ukuri, byo… nabibabwiye: ibyo mutemera, mubishyireiruhande, hanyuma murye umugati. Murebe. Noneho, hari ikirahure hasi mubwororero bw'inkoko. Ntugitoragura gusa ngo uhite ugishyira ku meza ngoucyuzuze amazi cyangwa amata. Oya. Igikorwa cyo kugitoragura, niugutsindishirizwa. Kucyoza, ni ukwezwa, mu by'ukuri, ijambo ry'ikigiriki kwezani ijambo rigizwe n'andi arenze rimwe, ashaka gusobanura "gitunganijwe kandikirobanuriwe murimo". Ntikirashyirwa mu murimo, ah'ubwo kirobanuriwe umurimo.Hanyuma, iyo ucyujuje, kiba kiri mu murimo.

18 .Noneho mumbabarire kuvuga ibi, sinari ngendereyekubakomeretsa. Ni aho mwebwe, abagenzi bo kwera, abanyanazareti, mwananiriwegukomeza ngo mugere kuri Pantekote. Mwari mwarejejwe no kwezwa; ariko ubwo mwari mugeze hafi yo gushyirwa mu murimo,binyuze mu mpano zo kuvuga mu ndimi n'ibindi, mwarabyanze, mwongera kwiturahasi. Murabona? Mu by'ukuri, ni - ni ibyo bibaho. Ni byobihora biba. Noneho, nta bwo ari ukubanegura, ariko ni ukuri - ndashakakuranguza umutima wanjye. Biragurumana cyane muri njye uhereye igihe nabereyehano, rero, igikwiye ni ukubikora. Iyo aba gusa nashoboraga kwishimirwa naCarl, na Demos n'abandi, na mwe mwese, ngiye - ngiye kugerageza gukoraibishoboka byose kugira ngo ndanguze umutimanama wanjye ibi bintu, murabona,ahasigaye hazaba ari ahanyu.

Ibisanzwe ni ishushoy'iby'umwuka. Noneho, tubona… umuntu avuka rero byuzuye… Iyo uruhinja… Mubisanzwe, mu by'ukuri, iyo amazi asohotse, nta bwo uba ugikeneye cyane kugiraicyo ukora. Kandi iyo amaraso aje, nta bwo uba ugikeneye cyane kugira cyoukora. Ariko, kugira ngo ubuzima bwinjire mu ruhinja, ugomba kumurya ikinuma,ukamuriza.

19 .Kandi ni… Ni byiza, kuba notarize, nka bene Data hano bize amashurimenshi y'ibyo, njye ngomba gufata ibidukikije ho ingero ngo zinshushanirizeibyo bintu. None ngibyo. Ni byo byabaye. Byabaye ngombwa ko habaho ikinumanyacyo, kugira ngo bemere kwakira ibi.

Rero,mwakira … uburyo bw'ikinuma. Wenda nta uzamukubita akanyafu, ariko ntazaburakuribwa ikinuma. Igitekerezo ubwacyo ko yavutse, hari ubwo, kizamuha ibyo.Mufate, umunyeganyeze. Ni adatangira guhumeka, umukubite akanyafu, ni bwoazatangira kuvuga mu ndimi zitazwi ku bwe, ni ko ntekereza. Ariko murabona… A -a, uko biri kose, a - arasakuza. Kandi ntekereza ko iyo uruhinja ruvutserudasakuza, byonyine, rutavuga, rutinyagambura, urwo ruhinja ruba rupfuye.

Ni cyo kibazo idinirifite ubu: dukabije kugira abana bavutse bahwereye. Ni ukuri. Bakeneyeakanyafu k'Ubutumwa Bwiza, murabona, kandi rero kugira ngo bakanguke, ngobashyire ubwenge ku gihe, kugira - kugira ngo Imana ibahumekeremo Umwukaw'Ubugingo. Kandi noneho, tubona ko ari ukuri rwose, ibyo. Ni tewolojijay'umwimerere, ariko uko biri kose ni Ukuri.

20 .Rero,mwitegereze, kugira ngo imbuto ivuke, imbuto ya mbere igomba gupfa mbere y'ukoinshya ibasha kuvuka. Rero, urupfu, ni ikintu gihora kiruhije. Rero,rurababaza. Rurababaza. Ni kimwe no mu kubyara, mu by'ukuri, mu kubyara umwana,ubanza - ubanza kubabara.

Yesu yavuze ko IjamboRye ryari Imbuto yari yabibwe n'umubibyi. Nyamara, ibyo, tubizi twese. Kandinshaka kubyigisha nk'icyigisho cy'ishuri ryo kucyumweru, kuko ari kucyumweru.Mwitegereze, rero, iri Jambo, nk'Imbuto… ariko mwibuke, imbuto ntishobora kweraizindi mbuto keretse ibanje gupfa. Kandi ni yo mpamvu abafarisayo batashoboragagusobanukirwa Umwami wacu Yesu Kristo, mu by'ukuri, bari munsi y'amategeko.Kandi amategeko yari Ijambo ry'Imana mu ishusho y'imbuto. Ariko ubwo Ijamboryiyambikaga umubiri wa kimuntu, maze Rigahinduka, ikitari amategeko, ah'ubwoubuntu… Nyamara, ubuntu n'amategeko ntibishobora kubangikana, kuko ubuntu burutakure amategeko ku buryo amategeko ari nta mwanya aba agifite. Kandi, rero,biruhije cyane abafarisayo gupfa ku mategeko yabo, kugira ngo ubuntu bubashekuvuka. Ariko agomba kubura. Byombi ntibishobora kubangikana.

Ntibishoboka ko habahoitegeko rivuga ko ushobora kutubahiriza itara ry'umutuku, ngo irindi rikubwireko ushobora kutaryubahiriza; rimwe rikubwira ko wabishobora, irindi rikubwireko utabishobora. Yombi… Hakwiye kubaho itegeko rimwe mu gihe runaka. Wendaigihe kimwe, washoboraga kwambuka: ba maso, ambuka. Ariko ubu, ni umutuku.Hagarara! Urabona? Rero, amategeko abiri ntashobora kubangikana.

Nyamara,tubona ko buri gihe…

21 .Noneho, igitekerezo nshaka kubagezaho, ni uko hagombakubaho imibabaro, imihangayiko, kugubwa nabi. Ariko ni ngombwa.

Nyamara, tubona koimvura, iyeza imbuto ku isi, "ivuka", nk'uko bivugwa n'umusizi, "mu mirimay'uguhinda kw'inkuba, mu ijuru ryajanjaguritse kandi ryashwanyaguritse". Ibiriamambu, iyo hatajya kubaho uguhinda kw'inkuba n'ijuru rijanjaguritse kandirishwanyaguritse, ako gatonyanga k'imvura kayuguruye, katumutse kava mu nyanjakandi kagatandukanywa n'umunyu n'ubushyuhe bw'izuba, ntikajyaga kubaho. Iyomirabyo ni ngombwa, uko guhinda kw'inkuba, - ikintu cyajanjaguritse,cyashwanyaguritse giteye ubwoba, - cyo gutanga uburabyo bwiza dukeshaibitonyanga by'amazi. Imibabaro ni ngombwa kugira ngo habeho ukubyara. Urupfuni ngombwa. Kandi ni igihe ibicu bipfuye habaho imvura, kuko imvura iva mugicu. Kimwe kigomba gupfa kugira ngo ikindi kibashe kubaho. Mu by'ukuri, bene Datamuri hano, iyo bamwe muri bo bajya kuhaba, bashoboraga kubaha amategeko agengaibyo bintu yose. Njye, nta byo nashobora.

22 .Noneho,tujye mu bindi, kugira ngo tubirebe akanya gato gusa. Ntekereza ko kamwe muturabyo duhebuje utundi kuba twiza… Buri wese afite icyo abivugaho. Na ho njye,nsanga akarabo gahebuje utundi kuba keza, mu by'ukuri, kari hariya muBurasirazuba, umwangange w'ikidendezi wacu. Ni bangahe bamaze kubona umwangangew'ikidendezi ? Yoo, ku bwanjye, mu by'ukuri, nta cyo wagereranya na wo. Ariko,mwaba mwarabonye icyo uyu mwangange w'ikidendezi wasabwaga? Ntakereza ku cyoYesu yavuze ati: "Mwitegereze umwangange, uko ukora ukanaboha imyenda; nyamaraNdabamenyesha ko Salomo mu bwiza bwe bwose, atigeze aberwa nka kamwe muri utwoturabo." Mu by'ukuri, ubwiza bwa Salomo n'imyambaro ye, ibyo byose, byariibikorano. Ariko umwangange, mu bwiza bwawo, ni ubuzima buha ubwiza, bikarekakuba ukwisiga igishahuro, ukwisiga amarange.

Ni nk'abagore bacu;sintekereza ko bibabereye ngombwa kugira iryo range ry'icyatsi ryose, murabizi,n'ibyo bigohe birebire, murabizi, birenze, bityo, n'ibyo bakorera inzara byosecyangwa - cyangwa, bikareka kuba ibyo bintu ndabyitiranya, ariko ibyo byosebisize mu maso hanyu, ngo mwigire beza. Mujye mugendera kure uko kwigaragaza.Niba ufite Ibyakozwe 2:4 bike, ukabivanga na Yohana 3:16 bike, bizaruta ibyouruganda rwa Max Factor rwagerageje gukora byose. Umugabo wawe azarushahokugukunda; ndetse n'abantu bose; n'Imana na Yo, simbishidikanya.

23 ."Ishurwe ryo mu Biyaya," ni ko Yavuze, mwitegereze uburyo ukura, urakora, ugomba kubasha gukura."Uwomwangange w'ikidendezi, murebe aho unyura: mu mwanda, urwondo, amazi y'icyondo,amazi yanduye. Wicira inzira muri ibyo byose, ako kabuto k'ubuzima, kicirainzira uhereye mu ndiba y'ikidendezi, iwabo w'ibikeri n'i- n'ibindi, hanyumaugahinguranya ibyo byose. Ariko iyo ugeze aho izuba riri, uravuka.

Ako kanya kakabuto gahita kibumbura, kakagira ubuzima. Ntikabishobora mbere yo kunyura muriurwo ruganda. Kagomba kuhanyura. Ikibigatera, ni uko ari izuba rigakurura.Kandi iyo kamaze kugera hejuru y'ayo mazi yanduye, ibyondo n'ibindi byose, nibwo kumva kaguwe neza cyane. Kadusangiza ubuzima bwako ku buntu. Kandi niubuzima butagira uko busa, iyo kageze imbere y'ikigakurura.

Nsanga iyo ari shusho nziza cyaney'ubuzima bwa gikristo. Ni igihe hari Ikigukururira gusohoka mu isi. Kugezaubwo uzinjirira binyuze mu kuvuka mu Bwiza bw'Ibyo, bikozwe na Mwuka Wera.Mbega ukuntu ari byiza! Ni ugerageza kugafasha, uzaba ukishe.

24 .Nink'umushwi w'inkoko, iyo uriho uva mu igi, murabizi, niba warigeze witegerezakamwe muri utwo turemwa duto, neza neza hejuru y'akanwa kako, cyangwa buri yoniyose iva mu igi, iba - iba… Icyo kibarangari gishaje kigera ku bukure bwacyo…Igice cy'imbere gishaje kigomba gucika - gucika intege. Icyo gihe umushwiugomba kwifashisha akanwa kawo, kugira uharagate kugeza ubwo umennye icyokibarangari. Twebwe, muri Kentucky, aho mvuka, ibyo tubyita “kwicira inziraudondagura nk'inkoko”. Kwicira inzira udondagura nk'inkoko. Nta buryo burenzeubwo bwigeze buboneka. Kubera iki? Ni yo nzira yaciwe n'Imana. Ni ugeragezakugafasha, uzaba ukishe. Ni ugakuraho ikibarangari cyako, kazapfa. Murabona?Kagomba gukora katikoresheje, kakihata, kakabasha kwisohora.

Ni uko Umukristo agombakugenza. Umuntu ugukora mu ntoke, byonyine, ukwinjiza, nta bwo ari ibyo. Ugombakuguma aho, kugeza igihe upfiriye, ukabanza ukabora, hanyuma ukavukira mu Bwamibw'Imana. Ni yo nzira yaciwe n'Imana. Ntuhinjizwa no kwandikwa mu gitabo, habeno gukorwa mu ntoke cyangwa kwinjira, wibyimbya, cyangwa winanura. Wowe -ugomba gusa gusohoka mu kibarangari gishaje. Mwitegereze, ntibigeze babonauburyo burenze ubwo.

25 .Ntaburyo buruseho baboneye uruhinja bwo kurubonera icyo rwifuza, hanze y'inzirabyaciriwe n'Imana. Nyamara, iyo urwo ruhinja ruvutse, ushobora guhambiraakayogera hano, iruhande rw'agatanda karwo maze ukavuga uti: “Mwana wanjye, ndiumu - umunyatewolojiya nk'uko… Nasomye ibitabo ku buryo bwo kurera uruhinja.Kandi, ndaguhamiriza, uri umwana ugezweho. Wavukiye mu nzu igezweho, ufiteababyeyi bagezweho. Igihe uzaba ushonje, cyangwa igihe uzaba ukeneye nyokocyangwa njye, jya uhita uvuza aka kayogera gusa.” Nta cyo biteze kuzatanga.Uburyo bwe rukumbi bwo kumufasha kubona ibyo akeneye, ni ukurira gusa. Ni yonzira yaciriwe n'Imana.

Kandi ni muri ubwoburyo bwonyine tubona ibyo twifuza, ni mu kurira tubibona. Rira. Ntibikagutereisoni. Vuga uti: “Mfitiye Imana inyota.” Abadiyakoni, abashumba, cyangwa undiwese abe aho, uko byamera kose, tsikina uko biri kose, abaturanyi baba bahari,bitwaye iki? Boroga, ni bwo buryo bwonyine bwo kubibona, - kugeza aho uboneyeubufasha. Ni byo Yigishije ubwo Yari akiri mu isi, murabizi, ku birebanan'umucamanza ukiranirwa.

26 .Agatonyangak'ikime, sinzi ikigakoze. Hano wasanga hari umushakashatsi… Ariko ngiyekubivuga nk'uko mbyumva. Byashobora kuba - umwuka witsindagiye wiyegeranije muijoro ryijimye, maze ukagwa ku butaka. Hanyuma, kakavuka ninjoro. Hanyuma mugitondo, kakaboneka aho, gakonje kandi gahinda umushyitsi, ku katsi cyangwakanagana ku mugozi banikaho imyenda. Ariko iyo izuba rirashe, mwari mwabonauburyo kanezerwa? Kararabagirana kandi kagahinda umushyitsi. Kubera ki? Kazi koari izuba rigiye kugasubiza aho kahoze mu ntangiriro.

Ni kimwe kuri buri mugabo cyangwa burimugore wabyawe na Mwuka w'Imana. Hari igikoreka, iyo Umucyo udusakayeho,bidutera kunezerwa, kuko tuzi ko dusubira aho twaturutse: mu Mana. Gashoborakurabagiranishwa n'umunezero, iyo izuba rikarasheho, nta gushidikanya, kazi kogasubiye aho katurutse. Utuntu duto dusanzwe, kandi twashobora gukomezanyan'ibyo, ariko turebe n'ibindi.

27 .Tuziko ya mbuto ishaje iri, igomba… mbere y'uko imbuto nshya isohoka mu mbutoishaje, iyi igomba kubanza kubora, nta kabuza. Uretse gupfa gusa, igomba nokubora nyuma yo gupfa. Tuzi ko ari ukuri, ibi. Ni kimwe no mu kuvuka ubwakabiri. Ntiduteze gusubira inyuma, ah'ubwo turakomeza, iyo tuvutse ubwa kabiri.

Kandi ntekereza ko ari yo mpamvu dufitecyangwa tudafite abavuka ubwa kabiri nyakuri benshi, ni uko imbuto, iri - wendaizumvikana n'Ijambo cyangwa n'umuntu; ah'ubwo abantu ntibashaka kubora kumikorere ishaje babagamo. Ntibashaka kuyisohokamo. Bashaka kuguma mu mikorereishaje, kandi bavuga ko bavutse ubwa kabiri, cyangwa bakiriye Ubutumwabw'igihe.

Twabonye ibyo mu gihecya Luteri, icya Wesileyi, icy'Abapantekote, no mu bindi bihe byose. Bashakaguhora batsimbaraye ku mikorere ishaje, kandi bavuga ko bakiriye Ibyo. Ah'ubwoigihe cy'imikorere ishaje gikwiye gupfa, kikabora, kugira ngo kibyare igishya.Bashaka guhora babitsimbarayeho.

28 .Mwitegereze.Bazi ko imikorere ishaje yapfuye, ariko gusa ntibashaka kubora kuri ibyo.Nyamara, iyo hari ukubora, ni bwo ikintu kiba cyarapfuye by'ukuri.

Iyoabantu bavuga ko bavutse ubwa kabiri… ariko kubivuga, ni ikimenyetso gusa kobavutse.

Ukubora, ni ko kubyaraukuvuka kwa kabiri. Tugomba kubora kuri ibyo, neza neza uko byagenze mu bihebyose, mu gihe cya Wesileyi cyose, no mu bindi byose. Ariko, uko ibintu bimeze,ni uko nyuma yo kuvuka ubwa kabiri… Wesileyi, cyangwa Luteri yazanye ijamborimwe gusa: "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera." Mu by'ukuri, ntiyashoboragagutsimbarara ku mikorere ishaje. Byabaye ngombwa ko asohoka.

Hanyuma, ubwo,Abakaluvinisite bashyize idini rya kiyangilikani mu gihagararo (mu gukongezwan'imyigishirize ya gikaluvinisite), Imana yahagurukije imyigishirize yakiyaruminiyani, hamwe na John Wesileyi… Byabaye ngombwa ko imikorere ishajeipfa, kugira ngo imishya ize. Kandi ubwo igihe cya Wesileyi cyarangiraga,ndetse n'bindi bihe bito byose, cyangwa amababi yari yarameze ku gati,ay'igishishwa, mu gihe cya Wesileyi… Murabona, ubwo Pantekote yazaga, hamwen'ukugarurwa kw'impano, byabaye ngombwa ko abantu basohoka mu Babatisite, muBaperesibiteriyani, Abagenzi bo kwera, mu Banazareti, iryiyita Itorero raKristo, n'ibindi. Byabaye ngombwa gusohoka muri biriya, bakabora kuri ibyo,kugira ngo bavuke ubwa kabiri.

29 .Bazahorabagufata nk'umusazi. Ariko ni nk'ibyo Pawulo yavuze, ubwo yari amaze kubora kubyo yari arambirijeho bya kera. Yavuze ati: "Nkorera Imana ya ba data nkurikijeinzira bita iy'inzaduka." Nkurikije inzira bita iy'inzaduka! Murabona? Yariyaramaze kwakira Ubugingo bushya, kuko Isezerano Rya Kera ryari ryamazekwibaruka Irishya, kandi byabaye ngombwa ko abora ku Rya Kera (maze akarifatank'igicucu gusa), kugira ngo…

Ngahoneza neza aho tugeze noneho. Mu by'ukuri,munyihanganire, nyamara ni ko mbibona. Amadini yashyizeho inzego ku buryo arinta wabona aho amenera ngo yinjire muri na rimwe muri yo, keretse ubaye uriumwe mu bayagize. Ugomba kuba ufite ikarita y'umunyamuryango, cyangwa ikindikikuranga. Kandi kubera iyo myizerere, urugi rukumbi runkinguriye, mu by'ukuri,ni Abikorera. Igihe cyoswe batari idini, nshobora kwinjira iwabo, ariko - kandingashobora kubagezaho Ubutumwa mfite ku mutima. Ah'ubwo bahindutse abanyenzegomu buryo bukomeye. Kandi ndabakunda, mwebwe, Abapantekote. Uko biri kose,Pantekote, si idini. Ibyo, ni izina mwihaye gusa. Pantekote, ni umwitozo, ntabwo ari idini.

Ah'ubwo, murabona ibyoari byo, ni uko bikomereye benshi mu by'ukuri - mu gihe bareba Ibyo, babyizera,kandi babona ko bisobanuwe neza n'Imana, mu Ijambo; mutitaye kuri ibyo byose,birakuruhije cyane kubora kuri icyo kintu wari urimo. "Nzakora iki? Nzakura he ibyo kurya? I…" Imana ni Yofunguro ryawe. Imana ni Yo ugomba kwihambiraho. "Banza ushake Ubwami bw'Imanano Gukiranuka Kwayo." Aho ni ho ngiye kugarukira. Muzi ibyo mvuga.

30 .Abahanuzi b'Imana batubwira ko tugomba kugira isinshya;Ijuru rishya n'isi nshya. Niba mushaka imirongoy'Ibyanditswe ibivuga, ni Ibyahishuwe 21. Nashobora kubibabwira, ndabifitehano. Yohana yavuze ati: "Mbona Ijuri rishya n'isi nshya; kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byakuweho."Nta byari bikiriho.

Nyamara,niba tugomba kugira isi nshya, isi ya kera n'inshya ntibizashobora kubangikanamu gihe kimwe. Ntihashobora kubaho gahunda ebyiri z'isi, hamwe, icyarimwe,noneho, kugira ngo habeho isi nshya, iya kera igomba kubanza gupfa. Nyamara,niba ari ngombwa ko iya kera ibanza gupfa, rero ubu ifite ibise byo kuramukwa,kugira ngo ibyare isi nshya.

31 .Rero, niba umuganga asuzumye umugore uri mu murimo, muby'ukuri, ki… kimwe mu bintu muganga yakora - mu by'ukuri, ndavugira mu ruhamerw'abaganga babiri cyangwa batatu bari hano, nk'uko mbizi, abakristo beza barihano, abaganga b'abakristo. Kandi na - na - nabasabaga iki: kimwe mu byambereuyu muganga akora, amaze gukurikirana ugiye kubyara, ni ukubara igihe cy'i -cy'ibise. Abara igihe cy'ibise, intera iri hagati yabyo, n'iteramberery'imbaraga za buri cyose. Buri cyose kirushije icyakibanjirije kutihanganirwa.Igikurikiyeho, kirushijeho kubabaza, biregeranye. Ni bwo buryo bwe bwokumusuzuma: akoresha ibise.

Muby'ukuri, niba iyi si igomba kuva mu nzira, ngo isi nshya ivuke, tugenzurebimwe mu bise byo kuramukwa dufite, ku isi, kandi ni bwo tuzenda kubona igihen'aho azaba ageze mu murimo we.

32 .Intambara ya Mbere y'isi yagaragaje ibise - ibise byokuramukwa bikomeye. Yagaragaje kimwe mu bise bya mbere byo kuramukwa, yerekanako isi yari yinjiye mu murimo. Ku birebana n'iki gihe ku bwayo, bakoze ibisasu,maze bagira za mitarayeze n'imyuka y'uburozi. Kandi, murabyibuka. Wenda abenshimuri mwe ntibabyibuka. Nari umwana utaregeje imyaka munani, ariko ndibuka kobavugaga umwuka mutaridi, umwuka wa korore, n'ibindi. "Bigaragara ko iyo bajyakunaga ibyo, ni ko bavugaga, byajyaga gukongora isi yose. Byajyaga kwica abatuyeisi bose. Mu by'ukuri, byashoboka ko ibyo biturika, rero imiyaga yajyagagukwirakwiza uwo mwuka mu mpande z'isi zose." Bose bari batewe ubwoba bwinshin'iyo ntwaro ikomeye ari yo mwuka w'uburozi! Isi yanyuze mu… yagize ibise byayobya mbere byo kuramukwa.

Hanyuma, tubona ko twagize intambara ya kabiri,Intambara y'isi, kandi ibise yagize byagiye birushaho kugira ubukana, birushahogukara buri gihe, ibise byo kuramukwa by'isi. Habuze gato ngo ishire, mu gihecy'igisasu cya atomiki, kuko iki cyashoboraga kurimbura umurwa wose. Biriyabise byarushaga ubukana iby'Intambara ya Mbere y'isi, ku birebana no kurimbukakw'isi.

33 .Noneho, izi ko igihe cyo kubyara kwayo kiri bugufi. Niyo mpamvu ibuze amahoro, ihangayitse, ni uko hari igisasu cya idorojeni,n'ibisasu bya kirimbuzi byo mu kirere byashobora kurimbura isi yose. Ishyangarifite ubwoba bw'irindi shyanga, uko iri ryaba ari rito kose. Bafite ibyobisasu bya kirimbuzi, nk'uko bavuga, biza… kimwe muri byo. Bashobora kubiyobozaibyogajuru maze bakabinaga aho bishakiye, aho ari ho hose mu isi.

Uburusiya,nk'uko nabyumvise mu makuru kiriya gihe, buvuga ko bushobora kurimbura ikigihugu, maze - maze bukabuza za atome, cyangwa biriya bintu, kurimbura igihugucyabwo. Nta cyo tuzi twabikoraho. Bose bahuriza kuri ayo magambo, kandi niukuri. Abantu bafite… Ubushakashatsi bw'abantu bwacengeye ububiko bukomeyebw'Imana, ku buryo bagiye kwirimbura ubwabo.

Imanaihora - Ihora ireka ubushakashatsi bukirimbura ubwabwo. Imana nta cyo irimbura.Umuntu ni we wirimbuza ubushakashatsi, nk'uko yabigenje mu ntangiriro, ubwoyafataga ubwenge bwa Satani kandi - mucyimbo cy'Ijambo ry'Imana.

Noneho, kizi ko kigomba kurimbuka. Ntigishoborakwihangana.

34 .Ntekereza ko Uburusiya bwarimbura iki gihugu, none, nibabwatekerezaga ko bushoboye kukirimbura, kandi bwirinze. Buri gihugu muri biriyabito cyabora kubikora. Ni uko bitinya gusa, kuko bizi ko isi itaguma mu nziray'uruziga yayo imeze ityo. Rero, isi izi ko ibise byayo byo kuramukwa aribyinshi cyane ku buryo ari nta kindi gisigaye uretse kurimbuka. Hagiye kubahoukuvuka kwa kabiri, uruhinja rukivuka, bidatinze.

Ndabishimiracyane. Ndambiwe iyi. Nta we - nta we utazi ko - ko hano, ari iwabo wa rupfun'agahinda, n'imyiryane y'uburyo bwose, n'ibindi. Nejejwe n'uko igombakurimbuka. Nejejwe n'uko kiriya gihe cyegereje. Nk'uko Yohana yabivuze, keraati: "Yego, ngo ino, Mwami Yesu."

35 .Nyamara, kigomba kubanza kubora, nta gushidikanya,nk'uko nabivuze, kugira ngo habeho ukuvuka kwa kabiri. Mwitegereze icyocyahindutse, mu kubora kwacyo. Mwitegereze, bene Data! Cyaraboze byuzuye.Politiki yacyo n'imikorere yacyo byaraboze bidasubirwaho. Nta gufwa na rimwemuri cyo rikiri rizima, mu mikorere - imikorere yacyo y'isi, politiki yacyo, napolitiki y'iyobokamana yacyo n'ibindi. Umwe avuga ati: "Ndi umudemokarate. Ndiumurepubulikani. Ndi umumetodisite. Ndi umubatisite." Mu by'ukuri, byosebyaraboze kugeza mu misokorohagomba kugira ikirimbuka. Nticyabasha kugumagihagaze. N'ubwo mwashyira Joriji Washington cyangwa Aburahamu Lincoln muriburi ntara, hano muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, nticyashobora na busakugaruka. Ntigishobora gucungurwa. Hasigaye ikintu kimwe rukumbi cyashoborakugifasha, ni Ukuza k'Umuremyi.

Kiziko kigomba kurimbuka. Gifite ibise none kirahangayitse. Nta uzi icyakorwa. Umweareba hano, na ho undi akareba hariya, n'ibindi. Umwe afite ubwoba bw'undi.Umwe ashaka uko yagira icyo akora cyangwa uko yarimbura uyu. Uyu ashaka ukoyavuguruza uriya n'uko yarimbura undi. Ku buryo, noneho, ibintu biri mu biganzaby'abanyabyaha, bashobora kurimbura isi yose mu minota itanu. Murabona?

Rero,kizi ko kidashobora kuguma gihagaze. Abantu bazi ko kidashobora kugumagihagaze. Kandi isi izi ko bagiye… ko bigiye gusohora.

36 .Mu by'ukuri, Imana yarabivuze. "Ijuru n'isibizakongoka." Byose bizaba bihinduwe bishya, kugira ngo isi nshya ishoborekuvuka. Imana yarabihanuye.

Cyarabozemu mikorere yacyo yose, kandi kigomba gukora ibyo kugira ngo kibore. Ni yompamvu nk'uko nabivuze, gi - gihangayitse cyane, cyataye umutwe, kandicyashobewe. Hari imitingito y'isi hose, hose ku nkombe yose, n'ibisa n'imyuzuremuri Alaska, imitingito hirya no hino. Kandi abantu baranyandikira bati: "Mbesetugomba kuva hano? Mbese tugomba kuva hano?" Murabona? Ntibazi igikwiyegukorwa. Hariho ubuhungiro bumwe gusa, Kristo, Umwana w'Imana nzima. Kandihariho ikintu kimwe gusa cy'ubuhungiro, ni We. Abari hanze bose bazarimbuka,bipfa kuba byaravuzwe n'Imana.

37 .Noneho, twifashishe Igitabo cya Muganga (igihe cyoseizaba iri muri icyo gihagararo) ngo tubone niba ibi byakagombye kubaho, mu giheisi nshya igomba kuvuka. Matayo 24, mu Gitabo cya Muganga, ni ukuvuga Bibiliya,maze turebe ibyahanuwe, icyo ibimenyetso byayo byajyaga kuba. Nyamara, nibaumuganga azi ibimenyetso bibanziriza ukuvuka k'umwana… Igihe umwana agiyekuvuka, ategura byose, kuko aba azi ko ari cyo gihe umwana agomba kuvuka. Muby'ukuri, ibimenyetso byose birabigaragaza; a - amazi yasohotse, amaraso. Noneho… ni cyo giheumwana amanuka;ni - ni cyo gihe umwana agomba kuvuka. Rero, abyitegurira byose.

Nyamara,Yesu yatubwiye neza neza ibyajyaga kuba muri iki gihe. Yatubwiye, muri Matayo24, ko Itorero, Itorero nyakuri, n'irindi torero (Itorero rya kamere n'Itorerory'irinyamwuka) yajyaga kuba asa cyane, abiganyi kugeza ubwo ayobya, iyo bijyakuba ibishoboka, n'Intore. Ibyabaye mu gihe cya Nowa, "mu gihe baryaga,banywaga, bubakaga ingo, bashyingiraga abana babo", n'ubwo busambanyi bw'isibwose, tubona ubu, Bibiliya, Igitabo, Igitabo cya Muganga cyavuze ko byajyagakuba. Rero, iyo tubonye ibi biba, tumenya ko ukuvuka kwegereje. Birakwiye.Yego.

Ni byiza, tureba ibyo, mu - mu rwego rw'igihugu; si urw'igihugu, ah'ubwo rw'isi.

38 .Noneho, Isirayeli, itorero, tuyigarukeho akanya gato. Tuyikurikirewenda muri iyi minota cumi.

Isirayeliyagize ibise byo kuramukwa munsi ya buri muhanuzi waje mu isi. Yagize ibise byokuramukwa uko umuhanuzi yazanaga Ubutumwa bwe. Mu by'ukuri, ni iki yakoraga?Umuhanuzi yabaga afite Ijambo. Kandi - kandi isi yari yarabibye ububore bwinshin'imikorere y'inzego muri yo ku buryo uwo muhanuzi yayinyeganyezaga kugeza ahoyenda kuyitesha urufatiro rwayo. Bangwaga na bose. Rero, iyo Imana yoherezagaumuhanuzi, itorero ubwaryo ryafatwaga n'ibise byo kuramukwa. Mu by'ukuri,umuhanuzi, Ijambo ry'Uwiteka riza ku muhanuzi, kandi kuri we wenyine. Niukuvuga ko Ijambo ryavuzwe kiriya gihe ryagaragajwe n'umuhanuzi wa kiriya gihe; ni uko byahoze. Kandi amadini, yubakiye cyane inzegoku Ijambo, ku buryo, iyo yahageraga, yarayinyeganyezaga kugeza ubwo ayiteshejeumutwe. Yari ifite ibise byo kuramukwa.

Byariibiki? Nimugaruke mu Ijambo! Nimugaruke mu Bugingo! Inzego nta Bugingo zifite.Ijambo ry'Imana ni Ryo ryonyine rifite Ubugingo. Inzego zaryubakiweho, arikonta Bugingo zifite. Ijambo ni Ryo ritanga Ubugingo.

Ubutumwabwe bwanyeganyezaga abantu maze bukabagarura ku Ijambo. Itsinda rito rizasohokamaze ryizere. Rimwe na rimwe, wenda… Mu gihe cya Nowa, abantu munani gusa. Arikouko biri kose, Imana yahaye bamwe kureremba maze Irimbura abasigaye bose.Yagombaga kureremba.

39 .Ni byo byabayeho, mu bihe byose, kugeza ubwo, kuiherezo, itorero ryababyariye Umwana w'Umuhungu; kandi uwo Mwana w'Umuhungu, ni We Jambo Ubwaryo,ryambaye umubiri wa kimuntu. “Mbere na mbere habayeho Ijambo, kandi Ijamboryari kumwe n'Imana, kandi Ijambo ryari Imana. Maze Ijambo ryambara umubiri wakimuntu, hanyuma Riturana na twe.” Yanesheje buri dayimoni, buri mbaraga ku isizamuhagurukiye, byonyine binyuze mu Ijambo rya Data. Kuri buri gishuko cyaSatani, Yamucyahaga adakoresheje imbaraga - imbaraga ze bwite, ah'ubwoYakoreshaga Ijambo ry'Imana. “Handitswe… Handitswe… Handitswe…” Mu by'ukuri,Yari Ijambo.

UbwoSatani yagabaga igitero kuri Eva, ntiyari Ijambo; akaba ari na yo mpamvu atamunesheje. Ubwo yagabagagitero kuri Mose, byari kimwe. Ariko ubwo yakoraga ku Mwana w'Imana, hariya,zari volute (volt) ibihumbi icumi. Yahasize amababa. Uyu yamushubije ati:“Umuntu ntatungwa n'imitsima gusa, ah'ubwo atungwa n'Ijambo ryose rivuye mukanwa k'Imana.” Yari uwo Mwana w'Umuhungu, wari wambaye umubiri, Ijamborihoraho ry'Imana, Ubwe, ugaragariye mu mubiri wa kimuntu hano mu isi, ngoAhagararire Ijambo.

40 .Niuko Yari azi ibyari mu mitima yabo. Ni uko Yashoboye kubwira Filipo aho yariari, uwo ari we; ni ko

Yashoboyekubwira Simoni Petero uwo yari we. Yavuganiye na wa mugore ku iriba. Kuberaiki? Yari Ijambo. Ni ukuri. Bibiliya ivuga, mu Baheburayo, igice cya 4 iti:“Ijambo ry'Imana rirusha inkota y'amugi abiri gutyara, Rigahinguranya kugezaubwo ritandukanya igufwa n'umusokoro, kandi Rikabangukira kugenzura ibyoumutima wibwira ukanagambirira.” Ariko, abo batambyi b'abafarisayo bari bahumyentibashoboraga kubona ko Ririya ryari Ijambo rigaragajwe, kuko bari baramizweneza neza n'ubutambyi n'imikorere y'inzego. Iyo mikorere y'inzego ishajeyagombaga gushyirirwaho iherezo. Ryari Ijambo, ah'ubwo icyari cyarasezeranijwecyari cyasohoye. Rero, niba cyasohoye, kigomba kubora. Ni igishishwa. Imbuto yikomerejeinzira yayo.

Mosentiyajyaga gushobora kuzana ubutumwa bwa Nowa, kuko cyari ikindi gihe. Imbutoya kera yari Ubugingo, ariko yari yarakoze mu gihe cyayo, maze irapfa,ntiyongera kubaho. Ihinduka, iva mu bya kera ijya mu bishya, byarimo Ubugingo. Arikoni iki cyari gihangayikishije abantu? Ni iki kibahangayikishije none? Ntitwubaka igikuta nka, urugero, gutangirana ubutumwa bwa Luteri, gukurikiragusa umurongo ugororotse, cyangwa, ubutumwa bwa gipantekote. Ni ukuri. Dukoraimfuruka. Twubaka inzu. Ijambo ry'Imana ni Ryo riyibereye igishushanyombonera.Nta utashobora gukora umurongo ugororotse, ariko hagomba kuboneka umufundi wogushyiraho imfuruka. Hagomba imbaraga z'Imana ngo ibyo bikorwe. Hagomba koUsizwe wavuye mu Ijuru, yoherezwa hariya ngo abe ari we ubikora. Ni ko byagenzemuri buri gihe.

Kandimu gihe cy'abahanuzi, Ijambo ry'Uwiteka rinyura muri abo bahanuzi, kandi ni bobubakaga imfuruka, bakoraga izo mpinduka. Ariko abubatsi bo, bashakaga kubakaurukuta. Si urukuta na busa. Ni inyubako, inyubako y'Imana.

41 .Nyamara, turabona, kandi tuzi ko Ibi ari Ukuri, koimikorere y'inzego yaboze, muri buri gihe. Kandi buri yose mu mikorere y'inzegoyabo byayibereye ngombwa gupfa no kubora, kugeza ubwo yabyaye ririya torero. Mumwanda w'ubwo bubore ni ho havuye Ijambo, Ubwaryo. “Ijambo ry'Uwiteka ryazagaku bahanuzi.” Ntiryigeze riza ku batambyi; Ryazaga ku bahanuzi. Kandi, mwitegereze, mu gukoragutya, ku iherezo, iri Jambo ryose ryaravutse, hano, mu mubiri wa kimuntu.Umwuzuro w'Ubumana wari muri We mu buryo bw'umubiri. Yari Ijambo. Abahanuzi niurugingo rw'Ijambo, Ijambo ry'igihe cyabo. Twebwe, none, turi urugingorw'Ijambo, twebwe abakurikira Ijambo. Ariko We yari umwuzuro wose w'Ijambo.Yari Ijambo.

Avuga… Ubwo bamushinjaga kwigereranya n'Imana kuko Yari Umwanaw'Imana, bamubwiye bati: "Mu by'ukuri, Ubwawe Wigira Imana."

Avugaati: "Ntihanditswe mu mategeke yanyu ko mwita 'imana' abo Ijambo ry'Imanaryajeho, abahanuzi? Kandi ni cyo bari cyo. None, mushobora mute kunciraho itekaiyo Mvuze ko Ndi Umwana w'Imana?"

42 .Mu by'ukuri, umwuzuro w'Ubumana mu buryo bw'umubiriwari mu Mwana w'Imana. Yari umwuzuro wo kugaragara kw'Imana.

Niibyo, ku iherezo byateraga ibise byo kuramukwa munsi y'abo bahanuzi. Kuberaiki? Nk'uko bari Ijambo, batangazaga uwo mwuzuro ubwabo, umwuzuro w'Ijambo.Hanyuma, ku iherezo, imikorere y'inzego yashyiriweho iherezo, kugeza ubwo"Ijambo ryambaye umubiri wa kimuntu maze Rigaturana na twe".

43 .Mwitegereze uburyo byerekaniwe muri Yakobo.Mwitegereze uburyo byerekaniwe muri Yozefu, neza neza. Yakunzwena mwene se, na se; yangwa na mwene se, ari nta mpamvu. Yari umunyamwuka,yashoboraga kugena ibintu kandi agasobanura inzozi. Kandi ntiyashoboragakwibuza kumera atyo. Ni cyo yari cyo, kuva akivuka, byonyine. Ni icyo yariyaratoranirijwe. Ariko yari yanzwe na bene se, ku iherezo, bamuguze ibicerimirongo itatu, ibiceri bikabakaba mirongo itatu. Hanyuma, aza kuzamurwa, yicaraiburyo bwa Farawo. Murebe muri gereza ye, hari umuziritsi wa vino n'umuvuziw'imitsima; umwe yararimbutse, na ho undi arakizwa. Yesu, muri gereza Ye, ku musaraba; umwe yararimbutse na ho undi arakizwa. Neza neza.Hanyuma, Azamurwa mu Ijuru maze Yicara ku Ntebe y'Ubwami y'Imana. Kandi ubwoAzahaguruka, ijwi rizarangurura riti: "Nimupfukame", kandi ururimi rwoseruzatura. Kandi ubwo Yozefu yahagurukaga ku ntebe y'ubwami maze agateraagatambwe, impanda yaravugaga, kandi buri vi ryagombaga gupfukama. "Yozefu yariahageze."

44 .Kimwe n'ibyo, igihe kimwe Impanda komeye y'Imanaizavuga, abapfiriye muri Kristo bazuke, buri vi rizapfukama maze buri rurimirwature iri Jambo. Mu by'ukuri, Azaba aje gushaka iki? Azaba azanywe n'iki?

Mwitegereze,yabyaye iri Jambo ryose, ryambaye umubiri wa kimuntu, bitewe n'ibise byokuramukwa, n'abahanuzi barangururaga bati: "Araje! Araje! Araje!" Ni byiza, ariko,mu gihe cy'imyaka magana ane, nta muhanuzi wari yarigeze kuboneka, dukurikijeamateka n'Ibyanditswe Byera, uhereye kuri Malaki ukageza kuri Yohana. Hariharabayeho abanyatewolojiya, abatambyi, abashumba gusa. Noneho, hariya,dushobora kwireba, tusafite ibyo, igihagararo cy'ububore byabereye ngombwaimikorere yayo kubamo, imyaka magana ane ari nta Butumwa butaziguye, NI KOUWITEKA AVUZE buvuye ku Mana. Rero, abatambyi, abahanuzi, n'abandi, bayiroshyemu mwanda uteye ubwoba. Yari yaraboze.

45 .Rero Yohana, Eliya wasezernywe muri Malaki 3, si uwaMalaki 4, uwa Malak 3; mu by'ukuri, Yesu yavuze bimwe muri - muri Matayo, igice cya 11. Ubwoijisho ry'ikizu ryari ryipfutse, nk'uko ibyo bivugwa, nizera ibihe bya kera byaPember: "Nimujye kumubaza niba ari We, cyangwa dutegereze undi." Murabona? MazeYesu avuga, amaze gusezerera abigishwa be nyuma yo kubabwira ngo babanzebakurikire amateraniro banabone ibihabera: "Mugende mubwire Yohana ibyomubonye. Hahirwa abo bitazagusha." Arahindukira, Areba abigishwa Be n'aboYabwiraga. Avuga ati: "Ni iki mwagiye kurebaubwo mwajyaga kureba Yohana?" Avugaati: "Mwagiye kureba umuntu wambaye imyenda ihenze?" avuga ati: "Mbabwiye koabantu nk'abo baba mu ngoro z'abami." Avuga ati: "Mwagiye kureba u - urubingoruhungabanywa n'umuyaga?"

Muyindi mvugo, yahungabanywaga na buri kabazo kaba gahingutse? "Ndabikubwiye,niba uje kwisunga itsinda ryacu, dushobora kuguha umushahara wisumbuye." SiYohana. "Byonyine uramutse uretse kurwanya ibi na biriya, mu by'ukuri,uzashobora kwisunga itsinda ryacu." Si Yohana.

Avugaati: "None ni iki mwagiye kureba? Umuhanuzi? Na ho Njye, Mbabwiye ko arenzekuba umuhanuzi. Kuko, niba ushoboye kumwakira, ni we wari yarahanuwen'umuhanuzi, ubwo yavugaga ati: 'Nzohereza intumwa Yanjye kumbanziriza, ngointegurize inzira.'" Uwo, ni Malaki 3:1. Nta bwo ariMalaki 4 na busa. Uwo, ni undi. Mu by'ukuri, nyuma yo kuza k'uriya Eliyaisiigomba gutwikwa bidatinze, kandi abakiranutsi bagomba gukandagira umunyota w'abanyakibi.

46 .Noneho,mwitegereze. Ubutumwa Bwe ntibwabakanguye by'ukuri mu bitotsi byabo byakinyedini, habe na busa. Bavugaga gusa bati: "Hari umusazi hariya. Mwekumwitaho. Yigize umusazi: ashakisha uko yaroha abantu hariya, mu mazi.Murabona? Mu by'ukuri, uriya musaza, ni imburamumaro. Turebe, nta n'ubwoyambaye mu buryo busobanutse. Yambaye uruhu rw'intama. Mu by'ukuri, akennye nkaYobu. Mu by'ukuri, yaba yarize mu yihe seminari? Yaba afite iyihe karitay'ubunyamuryango? Nta n'ubwo tuzajya mu materaniro ye. Tuzamurekera hariyagusa, yicwe n'inzara." Murabona? Isi nta kinini yahindutseho, habe n'imikorereyayo. "Ah'ubwo tuzamureka gusa avundire hariya. Nta… afite."

Waba uzi impamvu arinta byo yari afite? Ibuka, se yari umutambyi. Ariko kuki atakurikiye uburaribwa se, kandi kiriya gihe, kubikora ari wo wari muco w'abana? Ni uko hari icyoyari afite, Ubutumwa bwe bwari ubw'ingenzi cyane. Yagombaga kwerekana Mesiya,kuko Mwuka Wera yari yarabivuze. Iryo tsinda rito,

ryari ryaragaruwe n'Ubutumwabwa Gaburiyeli, hariya, ryari rizi ko byajyaga kumera bityo. Rero, batubwirako, ajya kuzuza imyaka icyenda, yagiye mu butayu, ko amaze kubura se na nyina,yagiye mu butayu, kuko yagombaga kumva mu buryo bwuzuye. Mu by'ukuri, muri iyonyubako nini ya tewolojiya, hariya, bakabaye baravuze bati: "Ni byiza, nzi koari wowe ufite inshingano yo kwerekana Mesiya. Yesaya yavuze ko wari ugiyekuza, rero ni wowe ugomba kuba iryo Jwi. None, ntiwaba ubona ko uyu mwene DataJones yujuje ibisabwa byose?" Kandi yakabaye yarashukitse byoroshye. Ariko ntana kimwe yari yarize cy'imikorere y'inzego yabo. Ubutumwa bwe bwari ubw'ingenzicyane. Yagiye mu butayu, gutura yo.

47 .Mwitegereze.Ubutumwa bwe ntibwari nk'ubw'umunyatewolojiya. Yakoreshaga ingero. Yavugagaati: "Mwa bana b'inzoka mwe!" Yita abo batambyi itsinda ry'"inzoka". Kimwe mubintu bibi yari yasanze mu butayu, kimwe mu bintu by'ibigome, cyari inzoka.Maze yibwira ati: "Bijya kuba igereranya rihebuje naba nzi." Avuga ati: "Mwabana b'impiri mwe, ni nde wababwiye guhunga umujinya ugiye gutera? Mwe kuvugamuti: 'Tubarizwa hano na hariya', kuko muri ariya mabuye Imana ishoboraguhagurutsa abana b'Aburahamu." "Ariya mabuye", ibyo yari yasanze mu butayu noku nkombe y'umugezi.

Ndetse: "Ishoka", icyoyari yarakoresheje mu butayu, "iragerwa ku gishyitsi", icyo yari yarabonye mubutayu. "Igiti kitera imbuto nziza cyose", yari azi aho yakuraga inkwi zogucana. Murabona? Ubutumwa bwe ntibwari na busa ubw'umutambyi, bwari bukurikijeibidukikije mu butayu. Ariko yari afite Ubutumwa bwo gutanga, kandi yari yizeyeUbutumwa bwe, ngo avuge ati: "Uwo Mesiya agomba kuza ndetse, ari hano hagatiyanyu none aha. Ndabamenyesha ko hari Uwo mutazi, Uwo ntakwiye no gupfunduraudushumi tw'inkweto Yambaye. We,Azababatirisha Mwuka Wera n'Umuriro."

"Yaba ari Uwuhe, Yohana?"

"Nta we nzi."

48 .Ariko igihe kimwe, dore ngo Umusore aramanuka ku ruzi,Umuntu ufite ishusho isanzwe, wagira ngo…

Intwari Yohana Umubatza yari aho, iyo ntwariy'umuhanuzi wahawe umugisha, maze areba hakurya ya Yorodani. Avuga ati: "NguyuUmwana w'intama w'Imana, ukiza icyaha cy'abari mu isi." - Waba wamubwiwe n'iki,Yohana?

Uwantumye,mu butayu, kubatirisha amazi, Yambwiye ati: "Uwo uzabona Mwuka amanukira, ni Weuzabatirisha Mwuka Wera."

UbutumwaBwe ntibwashoboraga guturuka mu myumvire ya tewolojiya, habe no mikorerey'inzego yashyizweho n'abantu. Yagombaga guturuka ku Mana mu buryo butaziguye.

Muby'ukuri, Ubutumwa bwe nta bwo bwabanyeganyeje cyane. Bibwiye bati: "Yoo! Avugako yabonye Ibyo. Ndabishidikanya. Njye, nta cyo nabonye. Nakoresheje… yanjye.Nta cyo nabonye muri ibyo", ni byo abatambyi n'abandi bavugaga. Ariko we,yaramubonye, none ubu tuzi neza ko yamubonye. Ariko, mwaba mwarabonye aboUbutumwa bwakozeho? Ibyo nta bwo byabakanguye. Barakomeje, ntibabura kumucaumutwe. Ah'ubwo ibyo - ibyo ntibyabanyeganyeje na gato.

49 .Ah'ubwo, byakoze ku bari basigaye, abari bafiteUbugingo muri bo, iryo tsinda rito, ry'abari bategereje Ukuza k'Umwami.

Hanyuma Hana, umuhanuzikaziw'impumyi wakoreraga Uwiteka mu ngoro mu masengesho, rero, igihe kimwe, ubwoyari ari mu Mwuka… Na Simiyoni, umusaza yarahanuye, avuga ati: "Mwuka Werayavuze ko ntazapfa ntari nabona Kristo w'Uwiteka."

Muby'ukuri, bamwe mu batambyi, murabizi, bavugaga bati: "Mbega umusaza ubabaje,yarasaze, murabizi. Mu by'ukuri, afite ukuguru kumwe mu mva, na ho ukundikukadandabirana. Ah'ubwo, mumuhe amahoro. Ni umusaza w'umunyacyubahiro. Gusaamaze…" Ah'ubwo, murabona, yari afite iki? Yari yabihishuriwe na Mwuka Wera.

Nibyo na mwe mwahishuriwe, mwebwe muri hano, mur iki gicamunsi. Mwuka Wera afiteimpamvu yabazanye hano. Kuri bamwe… Mwuka Wera! Mwitegereze abapadirin'abatambyi bari hano, baturutse mu idini rya kimetodisite, kibatisite,gatolika, n'ahandi. Basunitswe na Mwuka Wera. Iki ni cyo gihe. Ni icyobashakaga, bari bashonje kugeza ubwo Mwuka Wera agira icyo abakoraho. Rero,neza muri…

Igihe kimwe…

50 .Murabizi, nta televiziyo bari bafite.Imana ishimwe, ku bwa kiriya gihe. Rero, bari - bari bari ku mbingo z'Ubuyuda.U - Uruhinja rwavukiye hariya. Inyenyeri irahinguka, n'ibindi. Ariko, nyumay'iminsi munani, nyina azana urwo ruhinja rufubitswe mu twahi. Yari ari mutwahi. Ndavuga… Bambwira ko yari amaranje… Nta cyo bari bafite cyo kumwambika.Kari agatabu k'umwenda bashishimuye ku mitambiko y'ibimasa bihinga, ni kobambwiye, ko ari ko maranje bifashishije. Dore ngo Yozefu n'abandi, barinjiranan'urwo ruhinja.

Ndatekerezako abandi babyeyi bari bitaruye, bigiye hirya, n'impinja zabo zambaye imyendaisobanutse n'ibindi. Bavugaga bati: “Nimumurebe. Murabona? Murabona? Nguriya.Murabona? Yari yaratewe inda n'uriya mugabo. Nguyu arinjiye. Mwe kumwegera.Mumugendere kure.” Abantu baracyatekereza bimwe.

ArikoMariya, ateruye urwo Ruhinja mu maboko ye, ibyo abantu batekerezaga, byaribimuhwaniye. Yari azi se w'uwo Mwana.

51 .Kandi ni bimwe n'ibya buri mwizera wakira Ijambory'Imana mu mutima we. Ibyo imikorere y'inzego yavuga byose. Uzi ibyo ari byo.Ni isezerano ry'Imana. Wabihishuriwe na Mwuka Wera, ubwo watwikirwagan'Imbaraga Ze. Uzi ibyo ari byo.

Ntamuntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kubwiriza Ubutumwa Bwiza mbere yo guhuran'Imana, hariya inyuma y'ubutayu, mu gihuru kigurumana kidakongoka, ku buryoari nta mikorere y'inzego ya kinyedini na mike mu isi yagutesha umurongo. Wariuri hariya. Ni wowe byababayeho. Icyo imikorere y'inzego yavuga cyose. Ubibereyeumuhamya. Haleluya! Ndumva meze wa mwirabura navugaga: “Nta hantu hahagijemfite ngo nisanzure ubungubu.” Murabona? Ndumva nshagurutse cyane muri akakanya. Iyo ntekereje ko ibyo ari ukuri. Imana Ubwayo irabahishuriwe.

52 .Simiyoni yari afite isezerano. Yicaye mu biro bye murikiriya gitondo;yoo, ntekereza ko bagombaga kuzana amagana n'amagana y'impinja buri gitondo.Hari nka miliyoni ebyiri n'igice z'Abayuda mu gihugu, bazanaga izo mpinja,havukaga benshi. Nyuma y'iminsi munani, buri mubyeyi yagombaga kuza gutangaituro ryo kwiyeza. Hanyuma, dore ngo haraza… Simiyoni yari yicaye hariya,murabizi, wenda yasomaga umuzingo wa Yesaya. Nta byo nzi. Ariko, muri akokanya…

Nyamara, niba Mwuka Wera yaraguhaye isezerano, Mwuka Wera agombagukomeza iryo sezerano.

Nibaari iry'Imana by'ukuri, I… Niba… Niba umuntu aje akagira icyo avuga maze Imanantigihamye, si Ibyanditswe uhereye mu ntangiriro, ntukabyibuke. Kandi navuga koari iby'Imana, ariko Imana ntibihamirize, ni ikinyoma uko byamera kose. Muby'ukuri, Imana isobanura Ubutumwa Bwayo. Yibereye Umusobanuzi. Niba icyo avuzegisohoye, icyo gihe Imana yavuze iti: “Mumutege amatwi, kuko ari Ukuri.”Byonyine birumvikana.

Navuga ko iki kizasohora, hanyuma kigasohora, ni muriubwo buryo tumenya. Bigomba kuba ari Ukuri kudashidikanywa, buri gihe, kukoImana itabeshya.

53 .Rero, dore ngo Simiyoni, yicaye hariya, arihanganiraitotezwa. Yari “abasigaye”. Yari yumvise Yohana, n'abo “basigaye” bake bakiriya gihe… Kandi yari yicaye aho, yumva uwo muzingo, yari azi ko Yohana yariagiye kuza, kuko yari - yari umwe mu “basigaye”. Ijambo ryari ryaramuhishuriwe.Maze muri ako kanya, ubwo urwo ruhinja rwinjizwaga mu rusengero, yariinshingano ya Mwuka Wera kumuhishurira ko Yari aho. Rero, asunitswe na Mwuka,yasohotse mu biro bito, aragenda agera kuri uwo murongo w'abagore. Ateraagatambwe, ahetura uwo murongo w'abagore, ageza ubwo agera aho ako Gahinja karikari, Agahinja bose bitazaga. Afashe ako Gahinja mu maboko ye maze avuga ati:“Mwami, reka umugaragu Wawe atabaruke amahoro, kuko abonye agakiza Kawe.”

Maze,icyo gihe, hari indi ntorekazi yo mu itsinda rito ry'icyo gihe, Hana,umuhanuzikazi, wari impumyi, yari yicaye aho, mu mfuruka. Yarahagurutse, yariimpumyi. Dore ngo araza imbere, ayobowe na Mwuka, anyura mu bagore bosen'uruvunganzoka rw'abantu binjiraga n'abasohokaga mu rusengero, ageza ubwoagera neza aho Umwana Kristo yari ari. Niba Mwuka Wera yarashoboye kuyoboraumukecuru w'impumyi akamugeza kuri Kristo, bimeze bite ibyanyu, itsinda ryagipantekote ryakagombye kuba ribona? Sindibuvuge byinshi. Muzi ibyakurikiye.

Mwitegereze.Mbega byiza! Uburyo ririya dini byaribereye ngombwa gusubira mu mwanda uteyeubwoba, twebwe… nta gushidikanya, kiriya gihe! Ariko byanyeganyeje iryo tsindarito ry'abasigaye, nk'uko nabivuze.

54 .Noneho, tube abanyakuri. Iyo tubonye ririya dini murikiriya gihagararo none, ntitwaba twarasubiye muri kiriya gihe? [Iteraniro riti:“Amina.” - U.I.] Noneho, murebe gusa ibyasezeranywe, muri Bibiliya, byagombagakuba mu itorero, muri iki gihe. Tubona ibibera mu isi, kandi tubona ko igeze kuiherezo ryayo. Mwitegereze itorero muri iki gihe.

Ryo, Itorero, ryagize ibise byo kuramukwa mu gihe cyaLuteri. Nyamara, tuzi ko hari ibihe birindwi by'Itorero, n'intumwa zirindwi,z'ibyo bihe by'Itorero, dushingiye ku Byahishuwe. Noneho, ubwo byabaga ngombwako Luteri aza, nta gushidikanya ko byateye Itorero ibise byo kuramukwa, arikoRyabyaye

Luteri.Ni ukuri.

Nyumay'ibyo, Ryongeye kugira ibibazo, rero, Ryabyaye Wesileyi. Ni ukuri. Byongeyegutangira bundi bushya, maze Ribyara Pantekote. Buri wese muri bo (ubutumwabw'igihe cyabo) yanyeganyeje… yagaruye ku Ijambo, ku Butumwa bw'igihe cye,Ubutumwa bwa… dufatiye kuri Bibiliya… Mbifitiye igitabo kigiye

gusohoka,ibisobanuro by'ibice bine bya mbere by'Ibyahishuwe. Muragisome, nigisohoka muicapiro. Bihamya ari nta n'agacucu ko gushidikanya na gato, icyo Ubutumwa bwaLuteri bwari cyo, ugutsindishirizwa; icyo… ukwezwa ari cyo, ari yo ntambwe ikurikirahoy'ukuvuka gusanzwe. Hanyuma, abapantekote baraza. Neza neza.

55 .Noneho, mwitegereze, buri gihe cyanyeganyeje Itoreromaze kiritera ibise byo kuramukwa. Ariko, ni iki bakoze? Bamaze kugira ibyobise byo kuramukwa, aho gukomezanya n'Ijambo, bateranirije hamwe itsindary'abantu, neza neza nk'uko itsinda ryabanje ryari ryabigenje. Neza neza. Bidatinzenyuma y'iryo nyeganyezwa ryakozwe n'intumwa, hanyuma tubona yongera kuyoba.Hanyuma, tubona ko haje abandi benshi, barimo Agabo n'abagorozi bakomeyebenshi, hariya mu ntangiriro. Muri buri gihe, ni cyo cyakozwe - biga Inamayabanjirije iya Nikeya, Ababyeyi ba Nikeya, n'ibindi, ibyo byose muzabisangamo.Buri gihe cyaranyeganyejwe, uko intumwa yazanaga NI K' UHORAHO AGIZE.

Noneho,riri hanyuma, nk'uko bivugwa n'Ibyanditswe, aho ritigeze kuba. Turi mu gihecy'Itorero cya Lawodikiya, "igihe cy'Itorero gikize, ariko gihumye, kandikitabizi". Nta na hamwe muri Bibiliya Kristo yigeze ahezwa mu itorero, habe nahamwe uretse mu gihe cya Lawodikiya. Riri mu gihe kirengeje ibindi kuba kibi.Riraboze uko ritigeze. Rivuga riti: "Ndadamaraye nk'umwamikazi, nta cyo nkennye.""Kandi ntuzi ko wambaye ubusa, ukaba umutindi, impumyi, kandi ukaba utabizi."Nta gushidikanya. Avuga ati: "Ndakugira inama yo kunguraho umuti w'amaso,kugira ngo uhumuke." Kandi uwo, uza - uza… bidashidikanywa. Umuti w'amasow'Imana uzazanira bidashidikanywa itorero Umucyo, niba rishaka guhumukira ibyoImana yavuze.

56 .Mwitegereze, byihuse noneho. Noneho, ni aho rigeze,bidashidikanywaho na busa. Turi mu gihe cy'Itorero cya Lawodikiya. Nyamara,cyasezeranijwe intumwa, muri Malaki, igice cya 3:23-24. Yasezeranye kubikora.Kandi Ubutumwa bugomba kugarura Ijambo, kugarura abantu ku Ijambo. Ni ngombwako kuvuka… Rigomba kubyara, mu kuvuka bundi bushya, uhereye… dukurikije Malaki3:23-24.

Ubungubu,mu idini, imikorere ibiri y'inzego iriho irakora. Noneho mutege amatwi mutujecyane. Noneho, ndashaka kubona niba muri buvuge muti: "Amina" kuri ibi.Imikorere ibiri y'inzego iriho irakorera mu idini ubu. Ngiye gutura ibi, mazembikire. Turabizi twese: ni Ijambo ry'Imana n'imikorere y'idini. Ngiyo iyomikorere yombi ikora. Nk'uko byari bimereye Yakobo na Esawu: umwe ayoborwa naMwuka, na ho undi akaba umunyamubiri. None, bimeze bite? Esawu na Yakobobarwaniraga mu nda ya nyina, ndetse n'igihe bavukaga. Kandi ni bimwen'iby'amadini n'Ijambo, birarwana hagati yabyo. Birarwana uhereye muntangiriro, ubwo Luteri yazanaga ubugorozi bwa mbere. Niringiye ko byorohejwecyane kugira ngo mubyumve. Murabona?

Abobagabo, niba bafashe Ibi hanyuma bakabijyana, bazarushaho kubiha icyerekezo,murabona, ngo babigeze aho… Ndashaka gusa kubiba iyi Mbuto ariko niringiye kobazayemerera ko Yakira Ubuzima.

Mwitegereze.

57 .Murabona? Ni uko byahoze. Ni yo mpamvu igaragaza ibisebyo kuramukwa, ni uko hari intambara muri ryo. Hari Esawu, uw'isi, umunyediniwujuje ibyangombwa. Kandi, yoo! Ni umuntu mwiza, umuntu w'intwari,w'umunyakuri, w'imico myiza, uko mbizi, ariko nta cyo azi mu by'uwo muragew'umwana w'impfura. Ni uko yavutse. Ni uko yasamwe. Na ho Yakobo, uko yabakose, we, icyo ashaka, ni uwo Murage w'umwana w'impfura. Ni we munyamwuka.None, ubu, abo bombi bari mu itorero.

Imikorereminini y'inzego ishakisha uko yabaho, yitwa Inama mpuzamadini y'isi yose. Kandimu itorero hasohoka abana babiri. Mwandike neza amagambo yanjye. Isi - isi…Ijambo rigomba kubyara Itorero Mugeni-Jambo. Itorero rigomba kubyarira KristoUmugeni. Abasinziriye bo mu bihe byose bazaba bagize uwo Mugeni, wigaragajeakurikije Ijambo ryari ryarabagaragaje, nko kuva ku birenge ukageza ku mutwe.Uko - uko Rirushaho gukura, ni ko birikwiye, n'ibindi. Nk'uko umubiri ukura, niko n'Umubiri wa Kristo ukura. Hanyuma, ku iherezo Umutwe uzaza, Umutwe Weuzaza.

Noneho,niba tubona neza, mu by'ukuri, Umubiri - Umubiri ufatanye n'Umutwe. Ni Umutweuwuyobora, uwukurura.

58 .Ariko imikorere y'inzego ntizameraho, kuko ariimikorere y'inzego, kandi ntibishobora kugira icyo bitanga. Inyabarasanyantishobora kwera ingano. Nyamara byombi biba mu murima umwe, byuhirwa amaziamwe kandi bivirwa n'izuba rimwe. Kimwe ni Ijambo, na ho ikindi akaba atariRyo. Kandi byombi birarwana. Birwana uhereye ku bugorozi bwa mbere, kandibikomeje kurwana.

Noneho,si ngombwa ko nkomeza kujya kure hamwe na byo, si byo? Nta gushidikanya komusobanukirwa iyo mvuga [Iteraniro riti: "Amina." - U.I.] Yego, yego. Ni hoturi. Ngiyo imikorere y'inzego yanyu. Waba ubarizwa mu yihe mikorere y'inzego?

Nimwibaze rero, iyo muza kuba mwarabayeho kera, mubindi bihe, ibihe by'inyeganyezwa ryakozwe n'abahanuzi b'Imana n'Amagamboyavuzwe, ni uruhe ruhande waba warifuje kubarizwamo, kiriya gihe? Mu by'ukuri,ufite amahitamo amwe none. Riritegura kubyara Ijambo ritunganye, hariya, kandiIjambo rizira Umugeni-Jambo. Nk'uko u - umugore ari urugingo rw'umugabo,rwamukuwemo, n'Itorero rigomba kuba ari

Itorero ritura mu Ijambo, buri Jamboryo muri Bibiliya;atari imikorere y'inzego, amahame, ari nta na gito cyaryongeweho. Rigomba kubaari Ijambo ritavangiye, ryera, risugiye. Ni ukuri.

Mu gihe cy'Umucyo wa Luteri,ubwo itorero ryari ryariciyemo ibice, hanyuma Luteri agateza… kimwe muri ibyobise, ah'ubwo yarasohotse: "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera. Kandi ibi, sibyo busabane."

Nyamara,turabona ko mu gihe cya John Wesileyi, ibise byongeye kurifata, ariko byari -Wesileyi aravuka. None ni iki yakoze? Yahise asubirayo, akora nka nyina.

Hanyuma,mu gihe cy'abapantekote, ba so na ba nyoko basohotse muri icyo kintu, kandibaracyangaga. Basohokaga mu muhanda, nyoko nta n'amasogisi yagiraga, yakubitagaakadebe, kandi bavugaga iby'umubatizo wa Mwuka Wera, igitari gishaje… Bagumagahariya mumahuriro y'uduhanda, mu mayira, bakarara muri gereza. Na ho twe,dukorera ku mugaragaro, twasubiye mu idini, dusubira kwiturira muri bya byondo.Bashubije abana babo aho bari baravuye. Bajyaga gusubira mu mva zabo. Bajyagaguterwa isoni na mwe. Nzi ko bikakaye, ariko ni ko Kuri.

59 .Muvuga muti: "Natekerezaga ko mukunda abantu." Nibaurukundo rudakosora, none ni gute umuntu yabona urukundo? Urukundo rurakosora.Yego, nkunda isi… mfite - mfite ishyaka ry'Itorero ry'Imana. Kandi kubona iyomikorere y'inzego irikomeza mu bubata bw'amahame, abora! Nta gihe Imana itavuzeko Ijambo Ryayo ari Ukuri, bo, bakomeza gutsimbarara kuri ibyo. Amina.[Iteraniro riti: "Amina." - U.I.] Ni ukuri. Muzi ko ari ukuri, mwene Data, nawe mushiki wanjye. ["Amina."] Byonyine ni… Ni bwo buryo busanzwe bwo kubivuga.Si - si ubusesenguzi bw'ikigiriki, cyangwa ikindi, ah'ubwo ni ubusesenguzindetse n'ukugaragazwa kw'inyurabwenge. Nta gushidikanya ko mushoboragusobanukirwa ibyo. Kabiri ukongeyeho kabiri bingana kane. Murabona? Rero, tuziko Ari Ukuri.

Noneho, Ijambo rigomba kubyara Umugeni.

60 .Arikoimikorere ya kera y'inzego igomba gusa n'ishusho. Igomba kubyara Esawu,wagurishije umurage we w'umwana w'impfura.

Ngiyekugira icyo ntangiza. Ndabyiyumvamo. Niringiye ko mutari bumfate nk'umusazi.Ariko niba ndi we, mumpe amahoro. Ni byo bingwa neza. Ibi ni byo binguye nezabikandutira ukundi. Wenda - wenda ndi umusazi mu maso y'isi. Ariko, nzi- nziuko mpagaze. Nzi aho mpagaze.

Nimutegeamatwi. Izabyara igihwereye, imikorere y'inzego ya kinyedini izahuriza hamweamadini yose, kugira ngo ibyare Esawun wanga Yakobo. Amina. Niringiye ko mubonaibyo: idini rivutse ripfuye, ripfuye, yiteraniriza hamwe yose.

Yemwebizera b'Ijambo, nimwiyegurire Ubutumwa bwanjye! Muntege amatwi - atariUbutumwa bwanjye, ah'ubwo Ubutumwa Bwe, ubwo Avuga yeruye ko Ari Ukuri. Mugombaguhitamo, ahantu hamwe. Ntimushobora kuguma mutuje nyuma y'ibi. Mugombaguhitamo.

61 .Muribuka, kiriya gihe, hariya, i Westward Ho, kiriyagitondo ubwo twese twafataga ifunguro rya mugitondo, ubwo Umwami yanyemereragakubereka ziriya ngano? Uburyo zafashe ishusho, zinyuze muri Luteri, muriWesileyi, n'ibishishwa, n'ibindi, n'udushakwe twasohokagamo, buri torero ryaririhagarariwe mu gati k'ingano. Hanyuma, Yahise yinjira muri iyo ngano yo muntangiriro, kuri iyo ntambwe, hanyuma ka gashishwa karahinguka, kajyaga gusan'impeke nyakuri y'ingano. Iyo ugiye kureba, iyo utazi ingano zawe, uzavuga koufite ingano hariya, ariko ni igishishwa cyonyine. Imbere, harimo umumerow'ubuzima utangiye kumera. Fata lupe maze ubyitegereze. Mu ntangiriro, ubwoubupantekote bwadukaga, byari byegeranye cyane, Yesu yari yarabivuze, muriMatayo 24:24: "Byajyaga kuyobya n'intore, iyo biba ibishoboka."

Inshinganoyacyo yari iyihe? Gufubika impeke. Byaba ari ukuri? Nyamara, igishishwa…Mukurikire neza. Umumero ntusa n'impeke yabibwe mu butaka, igishishwa na cyontigisa na yo, ariko gisa na yo buhoro. Na ho umurama ukarushaho gusa na yo,ariko na bwo ukareka kuba ingano. Ni igifubiko cy'ingano.

62 .Ntimubona impamvu ubu Butumwa bwaje, bufite ibise byokuramukwa? Ariko Ubuzima bwahise bubivamo, bwigira mu Butumwa bukurikira.Ubuzima bwahise buva muri Luteri, bwinjira mu Butumwa bwa Wesileyi. Bwahisebusohoka mu Butumwa bwa Wesileyi, bwinjira mu Butumwa bwa gipantekote. Noneho,byongeye kuba igihe cyo gusohoka, ngo buve mu murama. Byaba ari ibiki?Ibidukikije, mu mashusho yabyo yose, bivuga ko ari Ukuri.

Noneho, murabona impamvu… Mutekereza ko ndi umusazi. Wenda naba ndi we,nk'uko nabivuze.

Ariko hari Ikiri muri njye. Sinashobora kugihagarika.Si njye wagishyize hariya. Si njye wabyihitiyemo. Ni Imana. Kandi Irabihamya,ngo Ihamye ko ari Ukuri, ngo Yerekane ko ari Ukuri. Si uko hari icyo ndwanyamoLuteri, Wesileyi, abapantekote, cyangwa ababatisite, cyangwa ikindi cyose. Ntawe tugirana ikibazo. Imikorere y'inzego, ngicyo icyo ndwanya, kuko Ijamboribirwanya;ntiririrwanya abantu. Murebe abo bapadiri n'abo banyedini bicaye hano, none.Ntibaba bari hano iyo bajya gutega amatwi imikorere y'inzego, ah'ubwo bagizegusa ubushizi bw'amanga bw'Ijambo ry'Imana, bagasohoka maze

bakaryakira.Haleluya! Bisobanura ngo: “Icyubahiro kibe icy'Imana yacu”. Nta cyobizagutwara. [Hari uvuze ati: “Amina.” -U.I.] Bishaka kuvuga biti: “Bibebityo”. Njye, ndabyizera. Ndizera kandi nzi ko ari Ukuri.

Bihamijweko ari Ukuri. Igihe kimwe, uzabibona - wenda impitagihe.

Noneho, mukurikire neza. Mukurikire neza.

63 .Bibiliyaivuga iti: “Umugeni We ariteguye”, ku musozo w'igihe. Yiteguye ate guhindukaUmugeni We? Kandi ni iki A… Yambaye myenda bwoko ki? Ijambo Rye Bwite. Yariyambaye Ugukiranuka Kwe Bwite. Ni ibyo. Ni ukuri. Murabona? Amayerekwa!

Mwitegereze,ndashoje, noneho. Nasahakaga kuvuga ikintu kimwe rukumbi. Mbere y'uko nsoza. Niicyanteye kuvuga ibyo. Mfite NI KO UWITEKA AVUZE. Niba umuntu avuze ibyo ata-…yishyira ibyo mu bitekerezo, yaba ari indyarya kandi akazajya mu muriro kuberaibyo. Ni ukuri. Niba yashakaga kuzajyana itsinda ry'abantu mu muriro, abantubeza nk'abo, akabayobya, mu by'ukuri, yaba ari idayimoni yambaye mubiri wakimuntu. Imana ntiyari iteze kuzamuhesha icyubahiro. Utekereza ko Imana yaheshaicyubahiro dayimoni cyangwa ikinyoma? Ntibikabeho. Murabona? Bibaca hejuru,kandi ntibabishyikira. Hanyuma Irobanura Intore.

64 .Mwitegereze abahanuzi bose, uko ibihe byagiye bihaibindi, uburyo Yagiye ibona Intore. Mwitegereze, uko ibihe byagiye biha ibindi,ndetse kugeza ku bugorozi. Urugero, idini gatolika rya Roma ryatwikiye Jeanned'Arc ku gishyito, nk'umurozi. Ni ukuri. Nyuma baza kumenya ko atari we. Yariumugore wejejwe. Mu bisanzwe, baricujije, bataburuye imibiri y'abapadiri mazebayijugunya mu mugezi. Ah'ubwo, murabizi, ntibivuze ko ibyo byakemuye ikibazomu bubiko bw'Imana. Habe na busa.

PatrickWera na we bamwise umurozi, murabona, kandi byenda kumera nk'ibyanjye. Rero,niba tubona… Murebe abana be. Murebe uko byari bimeze iwe, murebe umubarew'abantu bishwe. Murebe urutonde rw'abahowe Imana, maze murebe umubarew'abiciwe hariya. Murareba, si ukuri. Ariko si icyo abantu bavuga kigomba kubaukuri kudakuka. Ni icyo Imana yavuze ikanagihamya ko ari Ukuri. “Mugeragezeburi kintu. Mukomeze icyiza.”

65 .Mu by'ukuri, byashoboka ko haba hashize amezi make,igitondo kimwe, nari mvuye imuhira, maze mpabwa iyerekwa. Kandi mpinyuje umuntuwese uri hano, muri iyi myaka yose, wamenye ibi bintu, ngo avuge igihe Uwitekayaba yarandetse nkavuga “NI KO UWITEKA AVUZE” maze bikabura gusohora. Nibangahe bazi ko ari Ukuri, muzamure ikiganza. Ni Ukuri.

Mwe kwita ku ntumwa.Mwite ku cyo Ubutumwa ari cyo. Ngibyo ibyoari byo. Murabona? Si ibyo. Mwe kwita kuri ako [ahatagira ijwi kuri bande. -U.I.] kagabo kagufi k'uruhara, murabizi, kuko a - ari ikiremwamuntu byonyine,murabizi, kandi uko biri kose, twese turi bamwe. Ariko mwitegereze ibiba. Nibyo byerekana ibyo ari byo.

Byarandenze.Yego, nzi ko abantu bavuga ibintu by'uburyo bwose, kandi tuzi ko akenshibibaatari ukuri. Sinshobora kubazwa icyo undi muntu avuga. Ngomba kubazwa icyonjye, mvuga. Kandi icyo nshobora gukora cyose, ni ukubabwira ko ari Ukuricyangwa ko atari ko. Kandi ni - ni - ni njye ugombakubibazwa, si ukubazwa icyo undi avuga. Nta we nashobora gucira urubanza.Sinatumwe guca imanza, ah'ubwo kubwiriza Ubutumwa…

66 .Nagombaga kubona iki - ikibanziriza Itorero rya mbere.Najyanywe n'Uwo ntabonaga, maze nshyirwa ahantu hameze nk'ahagenewe uruvugiro.Hanyuma numva umuziki uhebuje iyo nigeze kumva yose ubwiza. Ndareba, maze mbonahaje itsinda ry'abagore bagaragara ko bari bafite imyaka nka makumyabiri, cumin'umunani, makumyabiri. Bose bari bafite imisatsi miremire, kandi bari bambayemu buryo bunyuranye, buri wese yari afite imyambarire yihariye. Bagendaga munjyana y'uwo muziki, mu buryo buboneye bushoboka. Banyura ibumoso bwanjye,bagana muri iki cyerekezo. Kandi narabitegerezaga. Rero, nararebye ngo mboneuwamvugishaga, hanyuma sinagira uwo mbona.

Hanyuma,numva umuziki wa Rock'n'roll, itsinda ry'abacuranzi, ryegeraga. Kandi ubwonarebaga iburyo, dore, mbona hagarutse, haje muri iki cyerekezo, amatoreroy'isi yose. Amwe muri… Buri ryose ryari rifite ibendera ryaryo, iry'igihuguryari riturutsemo. Ibintu bihebuje ibindi kwandura nigeze kubona mu buzimabwanjye! Kandi ubwo itorero ry'irinyamerika ryahageraga, cyari ikintu gihebujeibindi gutera ubwoba nigeze kubona. Data wo mu Ijuru ni We mucamanza wanjye.Bari bambaye ayo majipo y'umweru wenda gusa n'ivu, ayo abakobwa bagaburaibinyobwa mu kabari bambara, nta na gito cyari gifubitse umugongo, hano, baribafite urupapuro rusa n'ivu; byari nk'aho babyinaga imbyino yitwa hula, bisizeamarange, bogoshe umusatsi, banywa itabi, bavunagura ingingo, mu gihebagenderaga mu njyana ya rock'n'roll.

Maze mbaza nti: “Ese iri ni ryo torero rya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika?”Hanyuma rya Jwi rivuga riti: “We kwirirwa ubaza.”

67 .Kandi ubwo bari ku karasisi, bagombaga gufata ibibatya, gushyira urupapuro inyuma yabo mu gihe bari ku karasisi.

Nta- ntangira kurira. Ni - nibwira gusa nti: "Umurimo wanjye wose, n'ibyo nakozebyose, n'ibyo twebwe, abagaragu b'Imana, twakoreye hamwe…" Bene Data, sinzi ahomugeza mwizera aya mayerekwa; ariko ku bwanjye, ni Ukuri. Nta gihe atambereyeay'ukuri. Ubwo nayabonaga, nkanamenya ibyariho biba, habuzeho hato ngo umutimawanjye unshwanyukiremo. "Ni iki nakoze? Ni ntakwitayeho? Nikomeje mu Ijambogusa, Mwami. None ni gute nashoboye gukora ibyo?" Natekereje nti: "Kuki Wampayeiyerekwa, nta gihe gishize, nibonye hariya?" Kandi nari navuze nti: "Muby'ukuri, mbese bizababera ngombwa ko bacirwa imanza?"

Yariyavuze ati: "Itsinda rya Pawulo na ryo."

Mvuganti: "Nabwirije Ijambo rimwe na we." Abikorera b'Abakristo babyanditse mukinyamakuru. Rero mvuga nti: "Kubera iki? Kuki bimeze bitya?" Nabonye iryotsinda ry'indaya zari ku karasisi zitya, zose zambaye zitya, kandi zikitwa:"Itorero Nyampinga wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika." Nta - nta kindi cyambayehousibye gutakaza ubwenge.

68 .Muri akomkanya, hariya numvise uriya muziki mwizacyane wagarukaga, kandi dore ngo wa Mugeni muto aragaruka. Avuga ati: "Ah'ubwodore Uwavuyemo." Kandi ubwo Yahitaga, Yari ameze neza neza nk'Uwatambutse muntangiriro, yagenderaga ku ntambwe y'umuziki w'Ijambo ry'Imana, yari ari kukarasisi. Kandi ubwo nabibonaga, nigumiye aho, nzamuye amaboko yombi, ndira,ntya. Ubwo nigarukagamo, nari hariya, mpagaze munsi y'urubaraza rwanjye, ndihondeba hakurya y'umurima.

Byabaari ibiki? Agomba kuzaba ari wa Mugeni umwe, ubwoko bumwe, ukozwe mu kintukimwe n'Uwo mu ntangiriro.

Noneho,musome Malaki 3:23-24, murebe niba tutakagombye kuba mu minsi ya nyuma dufiteUbutumwa, "buzasanganya imitima y'abana n'iya ba se", bukabagarura ku Butumwabw'intangiriro bwa Pantekote, Ijambo ku Rindi. Bene Data, ni ho turi.

Nyamara,iri torero ryakagombye kwakira ikimenyetso. Kandi ikimenyetso cyaryo cya nyuma,tubona hano, mu - mu - mu - mu Byanditswe…, murabona rero, murabona, ibisebikomeye byo kuramukwa biboneka muri iki gihe cya Lawodikiya. Ryavukiye mu…Itorero ryabo ririho riravuka bundi bushya. Atari…

69 .Nta rindi dini rikibayeho. Nta utazi ko, uko Ubutumwabwabaga buvuzwe… Mubaze bariya banyamateka. Nyuma yo kuvugwa k'Ubutumwa, idiniryahitaga rishingwa; yoo! Alegisanderi Kambeli (AlexandreCampbell), abandi bose, Maritini Luteri, n'abandi. Babihinduraga idini. Mubisanzwe, Ubutumwa ntiburenza imyaka nk'itatu, ububyutse. Ububyutse bumazeimyaka cumi n'itanu, kandi nta dini na rimwe ryabuvuyemo. Kubera iki? Umuramawabaye ikintu cya nyuma. Turi ku iherezo.

Mwabamubona ibise byo kuramukwa? Mwaba mubona ibyo ari byo? Igisigayecyonyine ni cyo kizavamo. Igisigaye cyonyine ni cyo kizavamo. Kandi ni yompamvu ndangurura, nihata, ntinda, kandi nkaba nanze impuhwe zose za muntu kuriiyi si, kugira ngo mbone ubuntu bw'Imana, hanyuma nikomereze gusa njya mbere muIjambo Ryayo.

Ibisebyayifashe. Ni ko bimeze. Igiye kubyara. Igomba guhitamo. Inyandiko iri kugikuta. Turabona ko isi yenda kuzimangana. Ni ukuri. Kandi tubona ko itorero,ryaboze cyane, na ryo riri hafi yo kuzimangana. Kandi byose bifite ibise byokuramukwa, isi kimwe n'itorero. Isi nshya igiye kuvuka, ndetse n'Itorero rishyana ryo, aho tugomba kwinjirira Ingoma y'imyaka igihumbi. Ibi, turabizi.

70 .Mukurikire. Imana imuha (Mwumve ibi mutuje dusoza)ikimenyetso cyayo cya nyuma; Ubutumwa bwayo bwa nyuma, ikimenyetso cyayo cyanyuma. Ikimenyetso cyayo cya nyuma, ni uko igomba gusubira mu gihagararoyahozemo mu ntangiriro. Isi, itorero… Murebe uko yahoze mu ntangiriro, muriiriya myaka yose, nta, uhereye kuri Malaki ukageza kuri Yesu. Muyirebe, muriiyo myaka yose, noneho. Muyirebe, muri kiriya gihe cyose, uburyo ruswayahinjiye. Murebe isi, uko yari iri, muri buri gihe, nko mu gihe cya Nowa,n'ibindi. Igomba gusubira mu gihagararo kimwe n'ishusho yayo, kandi ni byotubona. "Ibyabaye mu gihe cya Nowa." Turabona ibyo bintu byose bisohora nko muishusho yabyo.

71 .Ni bwo twakira ikimenyetso cya nyuma.

MuriLuka, igice cya 17, umurongo wa 28, Yesu yavuze ati: "Ibyabaye mu minsi yaSodomu ni na byo bizaba ku Muzo w'Umwana w'umuntu." Mu by'ukuri, ibyabaye iSodomu, murabona.

Nyamara,Yesu yasomye iyi Bibiliya nyine, Itangiriro rimwe dusoma. Noneho mutuze,mutabicikwa. Bibiliya imwe dusoma, ni byo Yesu yasomye. Kandi Yabwiye ItoreroRye ati: Nimurebe inyuma maze murebe, ubwo ibihe bya Sodomu bizagaruka, abantubacuramye abatu batakaje umwimerere wabo… Murebe ubutinganyi, uburyobwarumbutse mu isi yose, none. Vuba aha mu kinyamakuru… Mwakagombye kwinjira mubiro banjye ngo musome inzandiko ababyeyi banyandikira, zirebana n'abana babob'abahungu. Ubutinganyi bwariyongereye, ntekereza ko bwiyongereyeho makumyabiricyangwa mirongo itatu ku ijana, muri - muri California gusa, uhereye mu mwakaushize. Umubare munini w'abagize… w'abagize guverinoma, na bo, byagaragaye koari abatinganyi. Mwebwe, abagize guverinoma, mubizi neza. Nabisomye

mubinyamakuru;n'ibintu binyuranye byasohoye. Niba mwebwe… [Mushiki wacu umwe avuga mu ndimimaze undi muntu arazisobanura. Wa mushiki wacu yongera kuvuga mu ndimi mazearanazisobanura. Ahatagira ijwi kuri bande. - U.I.]

72 .Noneho, niba imyumvire yanjye y'Ibyanditswe ariiy'ukuri, ibi, neza neza ni ibyo Imana yari yavuze ko byajyaga gusohora. "Uvugamu ndimi anasengere guhabwa impano yo kuzibanura." Niba ari Ukuri, nababwiye koari Ukuri, rero Imana iri hano, Ihamya Ibyo. Ni Ukuri. Ni byo.

Nonehomutege amatwi. Ubu Butumwa bwa nyuma bwari ubuhe, ubwo Yesu yavugaga? "Ibyabayemu bihe bya Sodomu…", noneho murebe neza, mbere y'uko isi y'amahanga itwikwa,umuriro. Noneho, mugerageze gusobanukirwa. Ni iki cyabaye? Hari itsindary'abantu, abagize itorero b'akazuyazi, nka Loti n'itsinda rye, bari muriSodomu. Hari undi muntu, wari yaramaze kuhasohoka. Mu ntangiriro, nta wariuhari. Yari Aburahamu, uwari yarahawe isezerano ry'ukuza k'umwana w'umuhungu.Mwaba mubisobanukirwa? Muvuge muti: "Amina." [Iteraniro riti: "Amina." - U.I.]Ni byiza cyane.

Kandinoneho, neza mbere y'agasongero, kari ukurimbuka - Imana yabonekeye Aburahamumu buryo bwinshi, ariko ubu bwo Imubonekeye nk'Umuntu. Maze atera intambweasanga Imana…

Sawa,uvuga utI: "Ntiyari Umuntu." Ya - Ya - Yari Imana mu Muntu. Aburahamu yamwise"Elohimu". Yari Umuntu.

Kandi, murebe, Yicaye, iheme Ariteye umugongo, maze Avuga ati: "Umugorewawe Sara, ari he?"

Avuga ati: "Ari mu ihema, inyuma Yawe."

Avugaati: "Nzagusura, mu gihe cy'ubuzima, nk'uko Nagusezeranije." Maze Sara araseka.Hanyuma Avuga ati: "Ni iki giteye Sara guseka?" Murabona?

73 .Mu by'ukuri ibi, ni byo byabaye, kiriya gihe. Byonyinekugira ngo mbereke ikimenyetso cya nyuma Aburahamu yabonye, itsinda ry'Intoreryari ryararobanuwe, kure ya Sodomu. Noneho, icyo waba ukora cyose, we gucikwan'uyu mugani. Itsinda ryari ryararobanuwe, ntiryari muri Sodomu, mu ntangiriro.Ah'ubwo Abamarayika babiri bamanutse i Sodomu. Kandi ubwo bageraga hariya,dusangayo Loti. Kandi basanze abantu baho baraguye, bose bari abatinganyi,ugucurama k'uburyo bwose. Muzi ayo mateka. Ariko hari Umwe wari yasigaranye naAburahamu, yari Elohimu. Babwirije Ijambo hariya. Ukubwirizwa kw'Ijambokwarabahumye, hanyuma ntibaba bakibasha kumenya aho umuryango wari uhereyeye.Ngibyo ibiriho ubu. Ariko Uwari kumwe na rya tsinda wari witaruye, Yakoreyeigitangaza mu maso y'Aburahamu, kugira ngo Yerekane Uwo Yari We, kandi ko Yarikumwe na Aburahamu.

Avugaati: "Ni iki giteye Sara guseka?", ku birebana n'urwo ruhinja. Maze Sara arazahanyuma avuga ko atari yasetse. Hanyuma avuga ati: "Ah'ubwo wasetse." KandiYakabaye yaramutsinze aho, iyo atajya kuba urugingo rw'Aburahamu. Na twe, Imanayakabaye yaratwishe, iyo tutajya kuba urugingo rwa Kristo. Impuhwe za Kristo,ni zo zonyine ziturindiye hamwe - twebwe, abashidikanyi,tukaba n'ugucurikwakw'Ijambo.

74 .Ah'ubwo mwitegereze. Mwitegereze ibyabaye. Yesu reroyarahindukiye harya, maze avuga ati: "Ibyabaye mu minsi ya Loti ni na byobizaba mu minsi ya nyuma, ubwo Umwana w'umuntu azatangira kwihishura."[Ahatagira ijwi kuri bande. - U.I.] Murabona?

"Umwanaw'umuntu", muri Bibiliya, nta gihe azaba atari umuhanuzi. Murabona? Yaje munsiy'amazina atatu ari yo: Umwana w'umuntu, Umwana w'Imana, Umwana wa Dawidi.Murabona? Hanyuma Yiyita "Umwana w'umuntu", kuko ari wo murimo Yakoragа,uw'umuhanuzi, bamenya. Avuga ati: "Mu minsi izaba imeze nk'iy'igihe cya Nowa,ubwo Umwana w'umuntu azaba atangiye kwihishura, kizaba ari cyo gihecy'imperuka."

75 .Noneho, dutekereze akanya gato. Isi ntiyigeze ibonaintumwa y'isi yose… Twagize ba Finney, ba Sankey, ba Moody, ba Finney, ba Knox,ba Calvin, n'abandi, mu isi yose, intumwa z'itorero, muri ibyo bise byokuramukwa. Ariko nta bwo twigeze tubona, mbere ya none, umuntu usohoka ngoatangaze ubutumwa bw'isi yose, akaba anafite izina rirangizwa na h-a-m.A-b-r-a-h-a-m, zose hamwe ni inyuguti esheshatu… A-b-r-a-h-a-m, zose hamwe niinyuguti zirindwi. Dufite umwe, none, wtwa G-r-a-h-a-m, inyuguti esheshatu,kandi gatandatu ni umubare w'isi, umunsi w'iremwa. Ni ryari isi yabonye umuntu,buriya rero, ubwiriza mu, ruhame hariya, mu isi, uriho ahamagara abantu ngobasohoke ati: "Nimwihane, nimwihane! Kimwe ni ukurimbuka, cyangwa ni ukuvayo",kugeza kuri iki gihe? G-r-a-h-a-m, murebe ibyo akora: abwiriza Ijambo, ahumaabo hanze, arahamagara ati: "Nimusohoke", intumwa yoherejwe n'Imana. Yesuyavuze ko ari byo byajyaga kuba, neza neza ubwo Umwana w'umuntu yajyagakwihishura. Noneho, ibi, ni he bibera? Hariya, mu mikorere y'amadini, isi.Hanyuma bagatangira kwanga uwo muntu kubera ibyo.

76 .Ariko mwibuke, hari kandi itsinda, ryari irinyamwuka,ryari itsinda rya Yakobo, rikareka kuba itsinda rya Esawu. Hari itsinda ryaYakobo, wari utegereje umwana, bo ntibari muri iyo Babuloni, kandi bakiriyeIntumwa. Mwaba musobanukirwa? [Iteraniro riti: "Amina." - U.I.] Aburahamu,A-b-u-r-a-h-a-m-

u;bo bakiriye Intumwa, kandi iyo Ntumwa… n ikihe kintu gikomeye, ikintukidasanzwe Yaba yarakoze, ngo Yerekane ko ari igihe cya nyuma? Yagenzuyeibitekerezo byari mu mutima wa Sara. Kandi Yesu, Umwana w'Imana, wari wambayeumubiri wa kimuntu, yerekanaga Mwuka w'Imana azagaruka muri iryo Tsinda ritory'Intore za… mu gihe cya nyuma, kandi ko Yajyaga kuzihishura mu buryo bumwe.

Ibisebyo kuramukwa! Yoo! Mwene Data, nyamuneka, mushake uko mwasobanukirwa. Mushyirehoakete. Mukingure imitima akanya gato. Mutumbire Kristo. Iyo Mana imwe iri hanonone aha. Ni ya Mana imwe. Yasezeranye ibyo bintu. Kandi niba Yarabisezeranye,nta gushidikanya ko Inashoboye kubisohoza. Twubike imitwe akanya gato.Nashakaga ko mutekereza, mubikuye ku mutima.

77 .Data, biri mu biganza Byawe noneho. Nakoze ibyonshoboye byose. Ngusabye gufasha aba bantu ngo - ngo basobanukirwe. Imbutoyabibwe. Suka amazi ya Mwuka kuri Yo, Mwami, kandi Uyuhire ku bw'ikuzo Ryawe.Niba nibeshye, Mwami, si byo nari ngendereye. Ngusabye, yoo Mana, gu - guhitaUsobanurira Ibyo, imitima yabo, kugira ngo babibone kandi babisobanukirwe.Bidukorere, Mwami. Ni mu Izina rya Yesu nsabye.amina.

Uwitekaabahe umugisha. Ndabakunda. Iyo Mana yabwirije iri Jambo, iyo Mana ishinzwe iriJambo… nta kindi nshinzwe usibye kurivuga gusa. Ni Yo igomba kuriha ubuzima.Iyo Mana iri hano.

Noneho,ni bangahe muri mwe bafite icyo bakennye? Muzamure ikiganza. Yaba yarasezeranyegukora ibyo bintu mu bihe bya nyuma? Noneho, mundebe. Mu by'ukuri, ni cyoPetero na Yohana bavuze bati: "Udutumbire." Bavuze bati: "Icyo…" Murabona? Nicyo yamubwiye. Noneho, nyamuneka, mwe kugira aho mujya. Ibi ni ibintuby'agaciro… Nge - ngerageza, mbishyiramo umutima wanjye wose. Mwitondeby'ukuri. Murabona? Buri wese muri mwe ni umwuka, iyo ugize aho ujya,birumvikana, uri ikintu kimwe. Ngerageza gukurura ukwizera kw'abantu.

Umugoremuto yamuciye iruhande maze akora ku mwenda we, ajya kwiyicarira. Yesuyamubwiye icyo ikibazo cyari cyo, maze arakira. None ubu, Yasezeranye kongerakubikora, ubwo Umwana w'umuntu yajyaga kwihishura nk'uko Yabikoze i Sodomu. Isiiri muri icyo gihagararo. Itorero riri muri icyo gihagararo. None, Imana yabayarakomeje Ijambo Ryayo? Murebe niba Yarabikoze cyangwa Itarabikoze. Yoo!Twabonye ibimenyetso, ugusimbuka, ukuvuga mu ndimi, ubuhanuzi, n'ibindi. Ariko,mwitonde, hari ikindi kimenyetso. Yoo! Dufite abiganyi b'abanyamubiri benshi.Ibyo, nta kindi bikora uretse gushoboza icy'ukuri kurabagirana. Idolariry'irihimbano ryose ryakagombye gutera iry'ukuri kurabagirana.

78 .Noneho musenge, kandi mwizere. Mu by'ukuri, mba -mbasabye gukora ibyo. Murebe kandi mwizere ibyo nababwiye. Ni bangahe bizera koari Ukuri? [[Iteraniro riti: "Amina." - U.I.] Uwo waba uri we wese, habe n'ahowaba uri hose. Nda… Abari hano bose, uko mbizi, nta n'umwe ngira icyo menyaho,keretse Bill Dauch n'umugore we bicaye hariya, abo nzi cyane. Ntekereza ko nziuyu mubwirizabutumwa w'umusore, uturutse mu Budage, wicaye hariya. Kandi mweneData… abantu babiri cyangwa batatu bicaye hariya. Hagire uwicaye hariya inyumamu iteraniro, murebe, hariya inyuma. Ndabinginze ngo mwizere ko ibyo nababwiyeari Ukuri.

Nonetuvuge iki kuri Marayika w'Uwiteka wamanukiye ku mugezi, mu myaka mirongo itatun'itatu ishize, kandi Akaba yarakoze iki cyegeranyo. Ni gute rero nashoboragakumenya ko umushumba wanjye w'umubatisite yari yanyirukanye mu rusengero,yavuze ati: "Wa - wagize inzozi mbi, Billy."

Mvuganti: "Inzozi mbi, habe na busa, dogiteri Davis. Niba ari uko mwebwe - niba ariuko mwifata, mwaba mugize neza musubiranye ikarita yanjye y'umunyamuryango."Nari nzi ko hajyaga kugira uboneka, ahantu runaka, wajyaga kubyizera. Imanantiyajyaga kohereza Ubutumwa butagira uzabwakira. Yoo! Nta gushidikanya, ubwonatangiraga gusengera abarwayi, ibyo, byari byiza cyane. Ariko ubwo natangiragakubabwira Ukuri kw'Ijambo, ni bwo ibintu byahindutse.

Mwaba muzi mwese ko ari uko byagenze kuri buri gihe?

79 .Yesu ntiyari asanzwe, iyo Yinjiraga mu rusengero mazeAgakiza abantu, n'ibindi. Ariko igihe kimwe, ubwo Yicaraga maze Akavuga ati: "Njyena Data turi umwe", yoo! Byari bitunganye. "Ni mutarya umubiri w'Umwanaw'umuntu, kandi ni mutanywa Amaraso Ye, nta Bugingo muzagira muri mwe." Nta byoYasobanuye. Yashakaga kureba uwajyaga kuzagumana na We. Ni byo. Mutekereza ikiko uru - ko uruvunganzoka rw'abadogiteri n'abandi, bavuze bati: "Uyu Muntu niidayimoni. Kurya umubiri We no kunywa Amaraso Ye!" nta byo Yigeze asobanura.Nyamara, iri Jambo ryaheranye ziriya ntumwa. Ntibiruhije, ntibarisobanukirwaga; bararyizeraga uko biri kose. Murabona? Bari bazi,kuko bari barabonye imirimo y'Imana, kandi bari bazi ko byari ibyo. Avuga ati:"Ni yo impamya."

80 .Dore umugabo - umugore wicaye hano, azamuye ikiganza. Sawa,mushobora kumfata nk'umunyabikabyo gusa, uko mushaka; ariko ya Nkingi y'Umuriro yayoboraga abana baIsirayeli mu butayu, iri neza neza hejuru y'umutwe w'uyu mugore.

Nyamara,mwibuke, Yesu yavuze ati: "Hasigaye igihe gito, isi ntibe ikimbona; ariko mwebwe, muzambona. Navuye ku Mana. Nsubiye kuMana." Nyuma yo gupfa Kwe, yo guhambwa Kwe, Yabwiye

Abayuda; Yababwiye ati: “Nda…” Ni We wari kiriya Gitare cyarimu butayu. Yari iriya Nkingi y'Umuriro: “NDI UWO NDI WE.” “NDIHO” Yari nde?Iriya Nkingi y'Umuriro mu gihuru kigurumana. Si byo? [Iteraniro riti: “Amina.”- U.I.] Kandi Yiyambitse umubiri wa kimuntu, hanyuma Aturana na twe. Avuga ati:“Naturutse ku Mana, kandi Nsubiye ku Mana, kugira ngo Nzagaruke mu ishusho yaMwuka Wera.” None Nguyu, hamwe na twe uyu munsi, Byafashwe amafoto yagishakashatsi. Nguyu, kugira ngo Abihamye, birenze ifoto ya gishakashatsi iyoari yo yose, birenze icyo ari cyo cyose; Ari hano, ngo Abihamye, kuko ari We. “Njye, Umwanaw'umuntu, Nzahishurwa icyo gihe.” Noneho, Nguyu. Ndiho ndabireba neza neza.Muvuga muti: “Murabona Ibyo?” Yohana na we yaramubonye, ariko abandi ntibamubona.

81 .Nimurebe, kugira ngo Abihamye noneho. Uyu mugore ntaho twigeze duhurira. Sindakamuca iryera mu buzima bwe, mu buzima bwanjye. Arikoafite ibibazo by'uburwayi mu kuboko cyangwa ukuguru, ni cyo asengera. Si byo?Ni ukuri, madamu. Warahabazwe. Ni umugabo wawe ukwicaye iruhande. Nturi uw'ino.Uturutse muri California. Witwa Rowan. Uburwayi bwawe bw'igifu bwashyiriwehoiherezo, mugabo. Wari urwaye igifu. Si byo? Mu by'ukuri, cyakize burundu.Ukuguru kwawe kwakize.

Muri kiriya gihe, Umwana w'umuntu…

Murebe,hari umuntu wicaye hariya. Ni umwirabura, afite ikibazo cy'amaso. Ni umu… Yego.Umurimo akora, ni ikintu gifitanye isano n'imodoka, asena imodoka, ateraigishahuro ku modoka. Ni byo. Amaso yawe arangirika. Ni bwo ukimara kwinjira mukwizera, si byo?hari ikintu kidasanzwe cyakubayeho. Izina ryawe ni Fred. Nibyo. Izina ryawe ry'umuryango rirazwi. Ni byo. Uranyizera noneho? Rero,ntucyongeye kugira ikibazo cy'amaso. Sindakabona uyu mugabo mu buzima bwanjye.

Umugabo uri hariyainyuma, si uw'ino na busa. Aturutsemuri California. Arwaye umugongo. M. Owens. Murabona? Umwami Yesu aragukijije.

82 .Sinigeze mbona uyu muntu mu buzima bwanjye, nta nagito muziho. Nta kindi nkora uretse gukurikira uyu Mucyo, aho werekeje hose.Niba mushobora kwizera, byose bishobokera uwizera.

Umusore,wicaye hano, arwaye erini; yambaye indorerwamo na kositimu isa n'ivu. Fred,Imana iragukijije, niba ubyizeye. Waba ushaka kubyakira? Ni byiza cyane.Sindakamuca iryera mu buzima bwanjye.

MukaHolden, wicaye hariya kure ye, arwaye amaso. Sinzi uriya mugore, sindakamubonamu buzima bwanjye, ariko ni ukuri. Murabona? “Niba mushobora kwizera.”

Urarizwan'iki, mushiki wanjye? Urwaye uguhungabana k'ubwonko, boronshite, uburwayibw'umutima. Waba wizera ko Imana igiye kugukiza? Wowe, wicaye hariya ku mperay'intebe. Niba wizera n'umutima wawe wose, Yesu Kristo ari bugukize. Uwomushiha uri bukuvemo wose, uri bwumve ko usubiranye. Satani arakubeshya. Wabaubyakira? Noneho zamura ikiganza, uvuge uti: “Ngiye rero kubyakira.” Ni sawa.Byose biraboneye.

83 .Bihagaze bite? Iri torero ririho riragaragaza ibisebyo kuramukwa. Ntimwaba mushaka guhitamo noneho, mu Bwiza Bwe? Naberetse nezaneza Ijambo, icyo Yavuze ko Yajyaga gukora. Mugenzure iki cyumba mwitonze,mubaze uwo ari we wese waba amaze gukorwaho, cyangwa uwo navugishije, cyangwaicyo ari cyo cyose, murebe niba nari naramaze kubabona, niba nari mbazi,cyangwa nkagira icyo mbamenyaho. Mwaba mutekereza ko umuntu yabikora? Ibyo gusantibishobora kuba. Ah'ubwo ni iki? Umwana w'umuntu. “Ijambo ry'Imana rityayekurusha inkota y'amugi abiri, Rigenzura umwuka, amabanga y'umutima.” Neza nezank'uko Ryari riri ubwo Ryiyambikaga umubiri hano mu isi, mu Mwana w'Imana; none ubu Ririho rirahishurwa n'Umwana w'Imana. Wjeguhamagarira Umugeni gusohoka muri iyo mikorere y'inzego.

“Nimuveyo.Mwitandukanye, ni ko Imana ivuga. Mwe gukora ku bintu byabo bihumanye, ni bwoImana izabakira.” Mwaba mwiteguye kwegurira Imana ubuzima bwanyu bwose? Nibamwiteguye, nimuhaguruke, muvuge muti: “Ngiye, kumwakira none aha, ku bw'ubuntubw'Imana, hamwe n'ibiri muri njye byose.”

84 .Haleluya! Imana ishimwe! Mwaba mumwizera? [Iteraniroriti: “Amina.” - U.I.] Rero, muzamure gusa ibiganza maze musengane na njye.Mwature amakosa yanyu. Ibise byo kuramukwa! Ntibyoroshye gupfa, ah'ubwo mupfenone aha. Nimupfe, musohoke mu kutizera kwanyu. Nimuveyo. Iri, ni Ijambory'Imana rigaragajwe, nk'uko byarigendekeye ubwo Yesu yazaga mu isi. Byongeyekuba Yesu Kristo hagati muri mwe; Uhamijwe.

Aburahamuyakiriye umwana w'umuhungu, umwana wasezeranywe, ibyo bintu bikimara kuba. KandiYesu aragarutse. Ibyo, ni Mwuka We. Ari hafi y'isi, hafi yo kuza, ku buryoYiteguye kubakira, niba mwiteguye kumwakira. Noneho, muzamure ibiganza mazemusengane na njye.

85 .Mwami Imana, abatambyi bose banambe ku bicaniro.Abantu barangurure. Inkingi y'Umuriro n'Inkingi y'Igicu byinjire mu bantu none,Zibatere guca bugufi ku buryo bamenya, Yoo Mwami, bamenye ko bari mu Bwizabw'Imana nzima kandi ikomeye. Bidukorere, Mwami. Bakire. Nsabiye buri wese womuri bo, mu Izina

rya Yesu Kristo. Uzuza Mwuka Wera abadafise Mpwemu Yera bose.Mwami, umuvyuro w'iki gikorane, bw'uru rwunge rw'amateraniro, buturike nonehomaze buhinduke ugucuncubuka kwa Mpwemu Yera gukomeye kandi kw'imbaraga.Abarwayi bakire, impumyi zihumuke, ibimuga bigende. Ukwigaragaza kw'Imana nzimakubere mu maso y'abantu, nk'uko byabaye muri iki gicamunsi, kandi abantubabyakire. Ni mw' Izina rya Yesu Kristo mbisavye.

Nimuduzeibiganza maze mumuhimbaze, hanyuma mwakire ico mwasavye.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ubutumwa bwa

William Marrion Branham

"...mu minsi y'ijwi..." Ivyah 10:7